# Amayobera

Phoenix, Arizona, USA

17 Ugushyingo 1965

1 Mushobora kwicara. Narimaze igihe kinini ntegereje kugaruka hano muri Phoenix, kandi nyakuri ndanezerewe iyi nyuma ya saa sita kubwo kuba hano. nkunda Phoenix, hari ikintu kiba hano kintera kumva ndi hagati mu bantu b'inshuti zanjye, kandi bankunda. Kandi... kandi ni ubutwari bukomeye bw'amasengesho ava hano ayo munsengera imyaka myinshi. Igihe cyose nibuka amateraniro yambere nagize hano hamwe... na Mwene Data Outlaw, Mwene Data Gracia, n'ababwiriza ba hano mu mugi. Mbega uburyo Imana yaduhaye umugisha igihe narinde mu bwana bw'umurimo wanjye. Guhera ubwo, Phoenix, yagize ibikomeye... Hari ikintu kiri mu mutima wanjye, kigoye gusobanura.

Nk'umuhungu muto, igihe cyose nifuzaga kuzagera Phoenix. Nahoraga nsoma ibijyanye n'ubutayu. Narimfite umuvugo muto nakoze kubijyanye nabwo, igihe nari umuhungu muto, kubijyanye na Arizona.

Ndanezerewe kuba… ndi kavukire waho ubu. Ndakeka ko mfite nk'umwaka umwe, kandi nkaba nkiri muto cyane. Ariko ntabwo ari benshi bafite imyaka myinshi iruta iyo. Buri muntu wese mpuye nawe, ndamubaza nti, "Ese uri kavukire?"

"Nibyo, abashobora kuba aha bose. Maze igihe kinini hano."

Kandi… kandi ndibwira ko nkwiriye kuzamuka nko kuri Apache reservation, cyangwa ahandi hantu, kujya gushaka kavukire w'umwimerere.

Kandi umuntu umwe yaravuze, ntabwo hashize igihe, aravuga ati, "Mwene Data Branham, ni gute ukunda Arizona?"

Ndavuga nti, "Nibyo, yaba kimwe mu bintu nifuje kugeraho mu buzima bwanjye kuba muri Arizona, kandi Imana yarabimpaye."

2 Turi hano kubw'umwihariko w'igiterane cy'Abacuruzi, aricyo cyahindutse ikintu cya buri mwaka kuri twe. Kandi iyi nyuma ya saaa sita, nkuko duteraniye hano nko guhura mbere y'igiteranera kigomba gutangira Kuwa kane nimugoroba, niko nibwira. Ni… Byagiye biba amahirwe yanjye mu minsi yahise... mu myaka mike ishize kuza hano maze nkagirana namwe aya materaniro mato hano, mbere y'uko amateraniro y'ukuri atangira... Cyangwa igiterane, gitangira.

Kandi Mwene Data Willliam ni ya nshuti yanjye y'igiciro, we na Mushiki wacu Williams. Mfite ahantu heza mu mutima wanjye kubw'aba bantu. Bakunda kuntumira ngo ngaruke, kandi uko niko nezerewe kongera kwitabira ubwo butumire uyu mugoroba.

Kandi ndi ku gicaniro, Mwene Data Fuller, Mwene Data Jewel Rose, na Mwene Data Tony Stromei uturutse Tucson, na Mwene Data Borders ushinzwe igiterane. Kandi we… Mwene Data w'igiciro mwiza Arganbright, twagiye tuba hamwe mu ntambara zikomeye ku rundi ruhande rw'uruzi; niteguye kubana nawe ku rundi ruhande rw'uruzi runini umunsi umwe.

3 Ntabwo nshobora kwibuka izina rya mwene Data, nagerageje. Izina ryawe ni nde, mwene Data? [Mwene Data aravuga ati, "Al Boer"—Ed.] Boer, Mwene Data Boer. Njye… nzi isura ye. None se si wowe ujya usobanurira…["usobanurira ibiragi."] ibiragi. Uko niko…

Kandi turanezerewe kubagira mwese hano. Narimo ndeba hano hepfo imbere yanjye, kandi nabonye hano bamwe mu nshuti zanjye baturutse iyo hose muri Arkansas. Igihe nari ndi hano ubwa mbere, nababwiye ko aho ngiye hose, njya mpasanga umuntu wavuye Arkansas. Ndabizi neza, nindamuka ngeze mu ijuru, nzahasanga bamwe muri bo bavuye Arkansas, kubera nyakuri bakiranutse, abantu beza.

4 Kandi noneho, akenshi mvuga igihe kirekire, ariko nagerageje uko nshoboye ntegura Ibyanditswe maze ndabyandika bityo kugira ngo ntaza kuvuga umwanya muremure. Kandi ndashaka gusengera abarwayi mu gihe ndaba ndi muri Phoenix.

Noneho, Ubutumwa bwo njye… Umwami yampaye, rimwe na rimwe, murabizi, ibi bintu bikunda kuba bigoye. Kandi byagiye biba gutyo muri buri gisekuru. Kandi nagerageje uko nshoboye kugumana na bwo. Ni ikintu runaka. Kandi ndamutse ntavuze ibyo bintu Imana yambwiye, kandi biramutse... biramutse atari Imana, noneho Yo... Ntabwo byaba biri mu Ijambo. Ariko niba biri mu Ijambo, ndetse n'isezerano ry'iyi saha, noneho numva muri njye ko ndimo gukora ibikwiriye, kubera ko ndimo kugerageze gukurikiza icyo yasezeranye kuri iyi saha.

Kandi ibihe byinshi iyo uhuye n'umuntu runaka muri tewolojiya yabo, bahita bashwana na we vuba vuba. Ariko ibyo ntibyagakwiye kuba. Ndagerageza… Nabonye inshuti zanjye nyinshi zo mu nsengero z'amadini nyinshi zitandukanye, n'izindi, ntabwo nigeze ngisha impaka abo bantu bene Data. Mbega, njya mu nsengero zabo, ahariho hose banyemereye ngo nze, maze mvuge. Ariko ntabwo dukwiye gushwana ku tuntu duto.

5 Ariko murabizi, niba naravuze ikintu kinyuranye cyangwa kiruta ikiri mu mutima wanjye, naba ndi inryarya. Kandi njye… njye… Ibyo ntibikambeho. Ngomba kuzahura na We umunsi umwe, nk'umunyabyaha, ariko njye… nyakuri sinifuza guhura nawe nk'inryarya. Ariko ndashaka kuba umunyakuri. Kandi niba naba naravuze nti, "Ntacyo, ibi ngiye kubihisha kubera ko abasigaye bose muri bo bizera ibi, na biriya," Noneho ubwo naba ndi muntu ki? Ntabwo mwagakwiye kungiramo icyizere, kandi sinashobora kugira icyizere mu Mana cyangwa muri njye ubwanjye, igihe ngambanye mu buryo bworoheje gutyo.

Buri muntu wese agomba kugira ikintu agomba kuba azi neza. Kandi icyo nicyo ukwiriye gushingiraho kwizera kwawe, ni igihe ubizi neza. Ariko kugeza igihe ubizi neza, niba hari ikibazo, ube ubyihoreye byonyine kugeza igihe uzaba ubizi neza.

6 Noneho, Billy ahari ashobora kuba yatanze amakarita yo gusengerwa, ayo ntekereza ko we… Yego, nabimubwiye. Kandi ndibwira ko yabimbwiye mu kanya kashize, ko yabikoze. Ahantu runaka nihashira akanya, ndahamagara bake kugira ngo baze mu murongo w'amasengesho nyuma y'akanya gato kugira ngo basengerwe. Kandi ikarita yawe niramuka idahamagawe... cyangwa niramuka ihamagawe, kandi ukaba utabizi neza ko Imana Ari Ukiza indwara kandi ko Igiye kugukiza, ntacyo biribukumarire kuza hano, kubera ko udashobora gukira indwara. Wowe... niba hari ikibazo kiwe... Nuramuka uvuze uti, "Ntacyo, ubu, niba hari ikintu mu buzima bwanjye, nyakuri iki nkwiriye kugishyira ku murongo," ukwiriye kubanza icyo ukagitunganya, maze hanyuma ukabona kuza mu murongo w'amasengesho. Murabona?

Kubera ko gukira indwara ni umugati w'abana. Ibyo turabizi.

Ni impongano, kandi impongano mbere na mbere ikora ku bugingo bwacu. Kandi gukira indwara kwagiye igihe cyose kubanziriza buri butumwa, kandi byagiye biba uburyo bwo gutuma abantu bateranira hamwe.

Abantu benshi bashyigikira amateraniro yo gukiza indwara; benshi baza mu materaniro yo gukiza indwara, cyangwa mu birori by'indirimbo, ariko igihe bigeze ku bugingo burimbuka kugira ngo bukizwe, ntabwo ari benshi baba bashishikajwe nabyo. Bo gusa… Ariko icyo nicyo kintu cy'ingenzi.

Gukira indwara kwa Kimana n' ibitaramo by'indirimbo, n'ibindi, ibyo gusa ni... Nkuko Mwene Data Bosworth yakundaga kubivuga ati, "Ni nkako kurya kari ku ndobane ngo gakurure amafi." Noneho wereka ako kokurya ifi, ntabwo ari indobane.

7 Kandi icyo ni ikintu cyo gutuma abantu bategа amatwi akanya gato, kugeza ubwo ushobora kubereka ubutumwa bwawe. Imana yagiye ikora nk'ibyo muri buri gisekuru; binyuze muri buri gisekuru, hagiye haba igihe cyose ibiterane byo gukiza indwara. Kandi igihe ari ugukira indwara by'umwimerere, inyuma y'icyo giterane igihe cyose haba hari ubutumwa. Ntabwo higeze haba ikimenyetso gitangwa gutyo ngo kibe ikimenyetso; ni ukubanziriza ubutumwa.

Kandi ndizera icyo kintu kimwe uko kiri, mu myaka cumi n'irindwi ishize, cyangwa cumi n'umunani kugeza ubu, ubwo Umwami yanyohereje kujya gutangira gusengera abarwayi. Byazanye ububyutse bukomeye mu bantu. Abakozi b'Imana benshi bagiye bajya mu biterane byo gukiza indwara, kandi... Ariko igiterane cyo gukiza indwara, ubwacyo, niba mukiri muri iyo mikorere ya kera yo mwahozemo, haba hari ikintu kitagenda; ibyo biterane byo gukiza indwara ntabwo byavuye ku Mana. Bigomba kubanza gukurura amatsiko (Murabona?), bamara kugira amatsiko, maze aho hakaza ubutumwa.

Yesu, igihe Yaje, akiza abarwayi, n'ibindi, Yari Umuhanuzi ukomeye, kuri bo bose. Ariko igihe Atangiye kubabwira Ukuri k'Ubutumwa Bwiza, Uwo Ari we n'Icyamuzanye, noneho Yari… Ntabwo Yari Akiri Ikirangirire nyuma y'ibyo. Kandi ubwo nibwo buryo byagiye bigenda kuva muri buri gisekuru, kandi bizakomeza muri ubwo buryo.

8 Noneho, turi hano iyi nyuma ya saa sita, kandi na nyuma ejo nimugoroba muri iki cyumba kimwe. Byose bizaba ari saa moya za nimugoroba. Ese ibyo ni ukuri, mwene Data? [Mwene Data aravuga ati, "Saa moya n'igice."—Ed.] Saa moya n'igice, ejo nyuma ya saa sita cyangwa nimugoroba, kandi noneho Kuwa kabiri nimugoroba. Kandi ndatekereza ko ari Kuwa gatatu nimugoroba nabwo. ["Oya, aho kuri Ramada Inn, Kuwa gatatu."] Kuri Ramada Inn, Kuwa gatatu. Maze hanyuma Kuwa kane, uko niko biri, ni ugutangira... Igiterane. Kandi niba Umwami abishimye, ndashaka kuba hano muri cyo cyose.

Ndi hano, mwene So, wo kubafasha mu Bwami bw'Imana, kugira ngo mbafashe kuri buri kintu nashobora. Kugira ngo nsubize ibibazo byanyu, nshobora kuba ntashoboye kubikora. Ariko, nidusenga cyane, ahari dushobora kubisobanukirwa nituramuka dusenze cyane maze twegere Imana kubera byo, kandi twirinde gushyiramo imyumvire yacu.

9 Niba urwaye, nifuzaga ko nashobora kugukiza, ariko nta muntu washobora gukora ibyo. Byamaze gukorwa. Gukira indwara biri muri wowe. Ni ukwizera kwawe kwizera umurimo warangiye uwo Imana yakoze kuri Karuvari hamwe na Yesu Kristo. Kandi hanze y'ibyo, nta gukira indwara guhari; hanze y'ibyo nta gakiza gahari. Nta torero, nta dini, nta muhango, nta kintu gifite agakiza. Yesu Kristo, "Yashinjaguriwe ibicumuro byacu; kubw'imibyimba Ye twakize indwara. Yashenjaguriwe ibicumuro byacu,

ibicumuro (Mumbabarire.), kubw'imibyimba ye twabaye( byose biri mu mpitagihe)...twakize indwara.” Noneho, twishingikirije kuri ibyo...

Ntabwo mfite umwanya uhagije wo kuvuga uyu mugoroba, kuri mwe, ahari ni nk'iminota makumyabiri, cyangwa mirongwitatu, maze noneho turibuze gutangira umurongo w'amasengesho. Buri munsi, nkuko bisanzwe, hari abantu bashya baza, bityo haraza gutangwa andi makarita mashya yo gusengera abarwayi. Ariko turabikora niba biri mu bushobozi bwacu, ibyo Imana iributwemerere gukora, gusengera buri muntu urwaye wajye, uwo ushaka gusengerwa.

Niba hari mwene uwo muntu wafashe indege, arembye, akaba ari kw'ikubagahu ry'ikintu, aho, ushobora kureba mwene Data Williams, Billy Paul, cyangwa bamwe muri bo kugira ngo uze kubashyira mu cyumba, aho badashaka… Ntibashobora kwicara; barimo gupfa; bakwiriye kwitabwaho aka kanya, koko, mubashyire mu cyumba kugira ngo nze guhita mbageraho.

10 Ariko byaba byiza cyane, niba utari muri iyo mimerere y'ikubagahu, iyo wowe… aho ushobora gufata imigenzo yawe… no kwizera kwawe, maze ukabishyira iruhande akanya gato, maze ukihangana cyane ukumva icyo Ibyanditswe bivuga, kandi noneho n'icyo Imana ikora kucyo yasezeranije.kandi ibyo nibyo byubaka kwizera. Kandi nta nubwo wakwiririrwa ukenera kuba mu murongo w'amasengesho, cyangwa ngo hagire ugusengera. Waba wamaze gukira indwara, niba ushobora kubyizera. Murabona? kandi iyo niyo mpamvu yabyo, ni kugira ngo wowe, ni ukugarura... ibitekerezo byawe, kucyo Yesu yakoze kuri wowe.

Ntabwo ari ngombwa ko uza hano maze ngo upfukame hasi, maze ngo usenge kugeza wowe… kugeza ukijijwe. Wamaze gukizwa, ariko ugomba kubyemera. Amasengesho yawe ntabwo ariyo abikora. Kwizera kwawe niko kubikora, atari kubw'amasengesho. Ariko binyuze mu kwizera urakizwa; ni ikintu kimwe no kugukira indwara. Ndabizi neza twese ibyo turabisobanukiwe.

11 Kandi niba hari umushyitsi hagati muri twe, turashaka ko umenya ibyo, nko kubwanjye, cyangwa iri tsinda turi kumwe hano, Full Gospel Business Men, nta shyirahamwe na rimwe rya kidini duhagarariye. Duhagarariye gusa abizera b'Abakristo bo mu madini yose. Buri muntu wese ahawe ikaze. Turanezerewe kubagira. Muravuga muti, “Ntacyo, mbarizwa mu itorero runaka, ese mwasengera?” Aha, nta nubwo ukeneye kugira itorero ubarizwamo, nta kindi ufite gukora uretse kuzamuka hano maze ukizera Imana. Ni ibyo gusa ufite gukora. Imana irakora ibisigaye byose.

12 Noneho, njye… maze gushajisha Bibiliya imwe, guhera igihe natangiriye ibiterane byo gukiza indwara, cyangwa byo gusengera abarwayi. Muri Houston, Texas, nahawe Bibiliya imyaka ishize, mu myaka cumi n'umunani ishize, nyihawe na Mwene Data Kidson n'itsinda rye. Kandi iyo Bibiliya narayishajishije, nyigendana hose, ku isi hose, kugeza ubwo yashaje cyane rwose, impapuro zitangira gucikamo.

Nahawe Bibiliya nshya. Kandi ikintu kidasanzwe… Ntabwo ndi umuntu wemera iby'ubukonikoni kandi ndibwira ko mwe bantu mutantekereza nk'umuntu wizera ubukonikoni. Igihe iyi Bibiliya nayihawe, harimo utuntu duto… Harimo utugozi tubiri muri yo, utugozi duto. Ni Bibiliya imeze nk'iyo narimfite.

13 Mwene Data Kidson yampaye imwe yari Bibiliya ya Scofied. Noneho, ibyo ntabwo ari ukubera ko nemeranya na Mr. Scofield mu nyandiko ze… Ubu, ahari bamwe muri mwe muremeranya, abandi muri mwe ntabwo mwemeranya, ariko ndashaka ko mumenya ko nkoresha Bibiliya ya Scofield atari ukubera ko nizera ibyo. Kubera ko yayishyizemo ibika. Akaba ari imwe muri Bibiliya zanjye zambere, kandi nize kuyisoma nka gutyo. Kandi nagumanye iyo Bibiliya imwe. Iyo njye... iyo njya kugira Thompson Chain, byajya kuba byiza. Nari kujya mbona aho nshaka gusoma vuba vuba mu mashakiro ya Thompson Chain.

Ariko igihe mfunguye Bibiliya, ako kagozi ka mbere muri Bibiliya cyari ikintu kidasanzwe, aho kari kari. Kari igihe Salomo yarimo yegurira Imana urusengero, kandi ubwiza bw'Imana bwari bwinshi, Ubwiza bwa Shekina mu nyubako, kugeza ubwo abatambyi batashoboraga gukora umurimo.

Kandi noneho akagozi ka kabiri kari aho Ezira yagarutse maze yegurira Imana urusengero.

Kandi… akamenyetso ka gatatu gato, ni uko umugore wanjye ni ako umugore wanjye yafashe maze akagishyira muri Bibiliya, ntabizi, hamwe n'izina ryanjye kuri ko, n'ibindi, kari aho muri Mariko 11:22, yagafatishije muri Bibiliya, kandi aho niho kari kometse. Hagiraga hati, “Nuramuka ubwiye uyu musozi, 'Shinguka aho'...” Kandi mwese muzi igihe iki Cyanditswe cyaje mu bitekerezo byanjye, mwebwe bantu bo kuri kasete, aho niho twa dukima twaje, aho muri... Ni aho neza neza.

14 Kandi noneho ikintu kidasanzwe cyari gihari, inyoni nkunda, ifundi [robin], ifoto yayo yari kuri ako gapapuro, iyo nyoni nto ifite agatuza gatukura. Nkuko inkuru ivugwa, ko igihe kimwe yari inyoni ya brown [check]; ariko hari umuntu warimo upfa umunsi umwe ku musaraba, maze yumva igiriye impuwe uwo Mugabo kugeza ubwo yagurutse igerageza gukura iyo misumari iyivana muri we, maze yisiga amaraso aho hose ku gatuza kayo, kandi kuva ubwo yagize agatuza k'umutuku. Ubwo nibwo buryo njye... Nshaka kwegera Umukiza wanjye nanjye, hamwe n'amaraso Ye kuri njye... imbere mu gituza cyanjye ku mutima wanjye.

Kandi noneho iteraniro ryanjye rya mbere, ubutumwa nabwirije hari hano muri Phoenix, Arizona. Phoenix ni ikintu gishobora guhaguruka kivuye mu busa. Icyo nicyo Imana ikora. Ifata ubusa, igakuramo ikintu muri cyo.

Kandi ubutumwa bwanjye uyu mugoroba nabwise, "Amayobera" Kandi ndashaka gusoma mu Byanditswe ko…

15 Mu myaka mike ishize, hariho ubwo nashoboraga gufata Bibiliya, mukanzanira Bibiliya, igihe natangiraga umurimo wanjye; kandi nafataga Bibiliya, ndetse benshi muri mwe mwarambonye mbikora, ikaguma ifunguye nka gutya, maze nkavuga nti, "Mwami, nihe hari ubutumwa bwanjye?" Igafunguka muri Yosuwa igice 1, Bibiliya iyo ariyo yose mwashoboraga kumpereza.

Kugeza ubwo ijoro rimwe iyerekwa ryaje kuri njye, ibyo mumenyereye, maze mbona Bibiliya imanuka ivuye mu ijuru, kandi yari ifashwe n'ibitambaro by'imigozi nka gutya, iramanuka imirongo icyenda ya mbere ya Yosuwa.

Aho niho ngiye gusoma muri uyu mugoroba kubwo gusoma kwanjye… cyangwa Icyanditswe cyasomwe. Guhumekerwa kwanjye kuri mu mirongo icumi ya mbere kandi… Nako ndavuga umurongo wa 10 n'uwa 12.

Ariko mbere y'uko dufungura Bibiliya, reka twubike imitwe yacu akanya gato. Noneho, hamwe n'imitwe yacu yubitse n'imitima yacu yubitse, reka dutekereze ibi. Reka iri rye kuba iteraniro risanzwe; ibyo turabifite igihe cyose. Ariko reka dusenge, buri wese muri twe, kubwo kugira ngo ibi bibe ibidasanzwe, bitewe n'uko Kugaragara kw'Imana kuribube hamwe na twe mu materaniro uburyo bukomeza.

16 Data wo mu ijuru, turagushimira kubw'aya mahirwe akomeye kandi y'igiciro yo kuba hano muri Phoenix uyu mugoroba, tukaba duteraniye muri iki cyumba kinini hano, hagati muri aba bantu. Kandi noneho, tugiye kwegera Ijambo. "Kandi Ijambo ryahindutse umubiri maze ritura hagati muri twe." None reka byongere bibe indi nshuro, Mwami, Ijambo rihinduke umubiri, rimanuke muri iri torero Ryawe n'abantu Bawe, kugira ngo risohoze amasezerano y'iyi saha.

Nkuko tubona ko… Turimo kwegera igihe, aho cya gihe kirimo gushira. Birimo kwivanga n'iteka. Kandi turi ku gice cy'iburengerazuba. Kandi nkuko iterambere ryagenze kuva mu burasirazuba ukajya mu burengerazuba, uko niko Ubutumwa bwiza bwagendanye naryo. Kandi noneho, nta hantu bifite byo kujya uretse gusubira mu burasirazuba. Birarangiye.

Kandi turasenze, Data wo mu ijuru, kugira ngo ibi bibe isaha ikomeye kuri twe twese, kugira ngo tubashe kumva Kugaragara k'Umwuka Wera, Umwanditsi w'iri Jambo, agarutse mu nyubako y'urusengero rw'umubiri, yigaragaza Ubwe kuri twe mu kubabarira ibyaha byacu, no kubabarira gukiranirwa kwacu, ndetse no guhamirizwa ko Atazigera ashyira icyaha ku mwizera, hamwe no guhamirizwa kw'ibyo. Kandi no kuba Azakiza ubumuga bwacu, maze agakura... abantu bakava mu tugare, bakava ku mbago; kandi akababaha kubona, abo batabona; ndetse... ndetse no kongerera iminsi aho bari bagiye gupfa kubera ibyorezo biteye ubwoba nka kanseri n'igituntu, bikabije, n'ibyorezo abaganga bacu badashobora kugira icyo bakoraho. Birenga ibyo, ariko, Mana, Uragenda ukarenga aho ubushakashatsi bwa gihanga bugera. Urenga gutekereza kose. Ubihe umugaragu Wawe, uyu mugoroba, kuvuga no kumva Ijambo Ryawe kuri iki kibwiriza cyitwa "Amayobera" kubera ko tubisabye mu Izina rya Yesu. Amena.

17 Noneho, muri Bibiliya, Yosuwa igice cya mbere, na Yosuwa igice cya 10. Igice cya mbere n'umurongo wa mbere…

> *Ubwo Mose umugaragu w'Uwiteka yari amaze gupfa, Uwiteka abwira Yosuwa mwene Nuni umufasha wa Mose ati*
>
> *"Umugaragu wanjye Mose yarapfuye, none ubu haguruka wambukane n'aba bantu bose ruriya ruzi rwa Yorodani, mujye mu gihugu mbahaye mwebwe Abisirayeli.*
>
> *Aho muzakandagira hose ndahababahaye nk'uko nabwiye Mose.*
>
> *Uhereye mu butayu no kuri uriya musozi Lebanoni ukageza ku ruzi runini rwitwa Ufurate, igihugu cyose cy'Abaheti no kugeza ku Nyanja Nini y'iburengerazuba, ni rwo rugabano rwanyu.*
>
> *Nta muntu n'umwe warinda kuguhagarara imbere iminsi yose yo kubaho kwawe. Nk'uko nabanaga na Mose ni ko nzabana nawe, sinzagusiga kandi sinzaguhāna.*
>
> *Komera ushikame, kuko uzatuma aba bantu bazungura igihugu narahiye ko nzaha ba sekuruza babo.*
>
> *Icyakora ukomere ushikame cyane, kugira ngo witondere amategeko yose umugaragu*

*wanjye Mose yagutegetse. Ntuzayateshuke uciye iburyo cyangwa ibumoso, kugira ngo ubashishwe byose aho uzajya hose.*

*Ibiri muri iki gitabo cy'amategeko ntukarorere kubihamisha akanwa kawe, ahubwo ujye ubitekereza ku manywa na nijoro kugira ngo ubone uko ukurikiza ibyanditswemo byose. Ni ho uzahirwa mu nzira zawe, ukabashishwa byose.*

*Mbese si jye ubigutegetse? Nuko komera ushikame, ntutinye kandi ntukuke umutima, kuko Uwiteka Imana yawe iri kumwe nawe aho uzajya hose."*

[Mwene Data Branham asoma muri Yosuwa 10:12-14—Ed.]

*Umunsi Uwiteka yagabijeho Abisirayeli Abamori, Yosuwa abwirira Uwiteka imbere y'Abisirayeli ati"Zuba, hagarara kuri Gibeyoni, Nawe Kwezi, hagarara mu gikombe cyo kuri Ayaloni."*

*Izuba riherako rirahagarara n'ukwezi kuguma aho kuri, bigeza aho ubwo bwoko bwamariye guhōra inzigo ababisha babo.*

*Mbese icyo nticyanditswe mu gitabo cya Yashari? Izuba riguma mu ijuru hagati ritinda kurenga, rimara nk'umunsi wose.*

*Kandi nta munsi wahwanye n'uwo mu yawubanjirije cyangwa mu yawukurikiye, ubwo Uwiteka yumvaga umuntu kuko Uwiteka ari we warwaniye Abisirayeli.*

18 Reka Umwami ahe umugisha gusomwa kw'Ijambo Rye. Noneho, ikibwiriza uyu mugoroba ni "Amayobera."

Noneho, Ijambo "Amayobera," nkuko narimo mbishaka no kuba nzi neza ko… ko ndi mu kuri; ijambo "Amayobera" bisobanuye, dukurikije Webster, bivuze, "Ni ikintu kigoye kwizera, ariko cy'ukuri." Noneho, murazi, twumvishe imvugo za kera, ko… ko, "Ukuri kurenze (Ni gute babyita?)... kuba kudasanzwe kuruta ibitekerezo bihimbano," niko kuri. Kubera ko igihe umuntu akubwiye ukuri, rimwe na rimwe aba ari ikintu kidasanzwe.

19 Nzi inshuti yanjye iyo… aho muri Colorado. Bari mu bushakashatsi, bari bagiye kugira ubushakashatsi ku masha [check elk]. Kandi aho hari imitwe makumyabiri n'umwe y'amasha mu rwuri. Maze inshuti yanjye, igihe… yari agarutse avuey guhiga aho, maze igihe abarinda pariki baje. Nuko bishyura igiciro kinini, cyari ikigo cyo kurinda ibidukikije, bayaha umwe muri abo bari bafite moto zigenda mu rubura, kugira ngo asubireyo maze akore ubushakashatsi kuri izo sha. Aravuga ati, "Ntimwagakwiye gukoresha amafaranga angana gutyo yose. Nshobora kubabwira n'amasha angahe ari aho." Maze baramuseka. Baravuga bati, "Ni zingahe?"

Aravuga ati, "Hari cumi n'icyenda." ati "Hari makumyabiri n'imwe, maze nicamo ebyiri muri zo."

Nuko umurinzi aramuseka. Wemerewe gusa kwica imwe, urabizi. Maze aravuga… aravuga ati, "Yego, ndabizi ko wabikoze."

"Ubwo," aravuga ati, "Icyo nicyo nakoze. Hari hari amasha makumyabiri n'imwe, kandi nishemo ebyiri."

Maze umurinzi aramuseka maze asubirayo. Kandi aho hari hari amasha cumi n'icyenda. Murabona?

Angarukaho, aravuga ati, "Urabona, mubwiriza, mbabwiye ukuri; aba bantu ntibashobora kubyizera." Urabona? Kuvuga ukuri, bigaragara bidasanzwe kurusha inkuru mpimbano yanditswe nkaho ari ukuri.

20 Yosuwa hano muri iki Gitabo; mu bifatika ni Igitabo cyo gucungurwa, cyo mu Isezerano rya Kera. Yosuwa, twagakwiye kugifata gutyo, Igitabo cy'ubucunguzi. Kubera ko ni… Gucungurwa gufite ibice bibiri. Gucungurwa aho ari ho hose kugira ibice bibiri. Ibyo ni, iki "gusohokamo" no "kwinjiramo." Bisaba ibice bibiri kugira ucungurwe, "gusohokamo" "kwinjiramo."

Mose yari ahagarariye amategeko ayo yabakuye muri Egiputa, kandi aho, Yosuwa yashushanyaga ubuntu ubwo bwabajyanye mu gihugu cy'isezerano. Mu bundi buryo, aho… amategeko n'ubuntu byari ibice bitandukanye by'amategeko y'Imana. Noneho, amategeko yarabasohoye, Mose, maze Yosuwa arabinjiza.

Ibyo bishushanya ikintu muri iyi minsi yacu. Noneho, bishushanya, nkuko bari bari mu rugendo rwabo, bavuye muri Egiputa binjira mu gihugu cy'isezerano, uko niko twavuye mu isi ariyo Egiputa, umwijima, dufata urugendo rwacu tujya mu gihugu cy'isezerano. "Mu rugo rwa Data harimo amazu menshi; iyo bitaba bityo, ntabwo mba mbibabwiye," Yohana 14: kuva "gusohokamo" ukajya "ukinjiramo."

21 Ni amategeko niyo atugeza aho tumenya ko turi mu makosa, ariko ni ubuntu nibwo butubabarira. Amategeko nta byiringiro agira… byo gucungurwa, kubera ko ibyo… kandi mu kuyasoza… Nta buntu agira

muri yo, kubera ko amategeko yonyine yerekana ko uri umunyabyaha, ariko ubuntu butubwira uko dukwiriye kubisohokamo. Itegeko ni umupolisi uwo ugushyira muri kasho, ariko gucungurwa ni Uwo Uza akishyura ubwishyu; maze "Ugasohokamo" maze "Ukinjiramo" ukinjira mu buntu.

Abefeso… Noneho, tubona icyo kintu kimwe, Isezerano rya Kera… Ndatekereza ko iki ari Igitabo cya Yosuwa gihura nacyo. Ijambo rishobora guhwana naryo cyaba ari Igitabo cy'Abefeso cy'Isezerano rya Kera. Igitabo cy'Abefeso mu Isezerano Rya kera, byaba ari ikintu cyiza wakwiriye kwita iki Gitabo cya Yosuwa, kubera ko gihura neza n'iki.

22 Noneho, tubona ko Yosuwa ahagarariye ubuntu, cyangwa impongano, iyo itarashoboraga kubaho icyarimwe mu gihe amategeko yari ariho.

Nta nubwo bishoboka ku butumwa ubwo aribwo bwose, ibyo nibyo bibanza ku bantu mbere, ntibyigera bigongana n'ubutumwa bwahise. Ntabwo bizigera bibikora. Aho niho mufite ibibazo uyu munsi. Yesu yaravuze ati, "Ese hari umuntu uwo ari wese… wafata igice cy'umwenda gishya maze akagishyira mu mwenda ushaje, cyangwa ngo ashyire vino nshya mu mifuka ishaje? Byahita byangirika. Byahita biturika." Ntabwo byabasha kubyihanganira.

Kandi Yosuwa ntabwo yashoboraga kwijira mu murimo we kugeza nyuma y'uko Mose amaze kugenda. None murabona uyu murongo wa mbere hano, "Mose umugaragu Wanjye arapfuye; noneho haguruka maze ufate ubu bwoko ubujyane mu gihugu cy'isezerano." Mose, ashushanya amategeko, yakoze mu gihe cye. Uko... Amategeko yakoze mu gihe cyayo.

23 Aho barasohotse, nyakuri, hamwe n'ubuntu kuva na mbere. Mbere y'uko bagira amategeko, bari bafite ubuntu. Mu gihe bari bari muri Egiputa, badafite amategeko; nta numwe wari aho hepfo, bari abatambyi, n'abandi, ariko ntabwo bari bafite amategeko. Amategeko yari ataramara gutangwa. Ubuntu bubaha umuhanuzi. Kandi, nabwo, ubuntu buzana impongano, umwana w'intama w'igitambo. Ibyo turabyinjiramo muri iki cyumweru ku bitambo, amaraso, kubera ko aho niho hari gukira indwara kwanyu. Uko niko... Impongano yatanzwe mbere y'uko habaho itegeko iryo ariryo ryose. Ubuntu bwaje mbere y'amategeko, mu mategeko na nyuma y'amategeko.

Uko niko hari Yosuwa, ashushanya ubuntu, yari araho hamwe n'amategeko, ariko ntiyashoboraga kwinjira mu murimo mu gihe cyose amategeko yari akiri mu mwanya wayo ukwiriye.

Kandi uko niko itorero ry'isi rimeze muri iyi minsi yanyuma. Ryaraje aho, rikora igice cyaryo, ariko haje igihe ubwo rigomba kurekeraho. Rigomba kubikora. Hagomba kuba Abefeso bo muri uru rugendo, nkuko bari bariho mu zindi gendo. Aho hagomba kuza Abefeso, Abefeso, Abefeso b'iki gisekuru. Mwitegereze.

Aho byari biri mu mategeko ntibyashoboraga gukiza uyu munyabyaha, nkuko nabyerekanye. Ntabwo yabishoboraga. Kubw'ibyo igihugu cy'isezerano cyashushanyaga umunsi w'ubuntu. Murabona, ntabwo yashoboraga kubinjizamo, muri urwo rugendo.

24 Kandi niba mwabibonye, muri urwo rugendo, bari bafite ibice bitatu by'urugendo rwabo. Ubwa mbere kwari ukwitegura binyuze mu kwizera aho hepfo muri Egiputa, bari munsi y'umwana w'intama w'igitambo. Hanyuma bambuka Inyanja Itukura, binjira… mu butayu bwo kwitandukanya, aribwo bwashushanyaga ikindi gice cy'urugendo.

Kubera ko byari mu gihe cyo kwitegura, igihe bose bamaze kwitegura, nyuma igihe bageze ku… ku Nyanja Itukura, habayeho kunanirwa indi nshuro. Abantu ntabwo babyizeye, nyuma yo kubona ibintu byinshi Imana yakoze. Nabwo ntibabyizera. Maze Imana ifungura Inyanja Itukura nuko irabasohora, aho twigishijwe ko abantu bose bari barabatirijwe muri Mose munsi y'Igicu n'inyanja.

25 Noneho, bari barabatijwe, barihana kandi barabatizwa, maze barasohoka kugira bajye kwinjira mu buzima bushya, mu gihugu gishya, mu rugendo rushya, hagati mu bwoko bushya, kandi ikiganza cy'Imana cyari kuri bo. Ariko byaje kugera ahantu muri uku kugenda bagera, aho batari banyuzwe n'uru rugendo rw'ubuntu. Baje kugera ku kintu badashobora gukora bo ubwabo.

Noneho, aho niho abantu batekereza uyu munsi ku gukira indwara kwa Kimana, cyangwa undi murimo uwo ari wo wose w'ubuntu bw'Imana, ko hari ikintu ugomba gukora. Wowe, nta kintu ufite gukora uretse kwizera, ukizera Imana gusa.

Kandi bo, bashoboraga gukomeza gutyo… Isezerano ntabwo bari barihawe binyuze mu mategeko. Isezerano ryari ryatanzwe mbere y'amategeko, nta nshingano zo kuzuzwa ryari rifite, "Nabahaye iki gihugu; mugende mukijyemo." Ariko mbere y'uko bagera kuri iryo sezerano, bafata icyemezo cy'uko hari ikintu bagomba gukora bo ubwabo.

Kandi, ibyo, turacyabibona hagati mu biremwa muntu. Ni uko tumeze muri ubwo buryo turavuga tuti, "Hari ikintu tugomba gukora." Ibyo tubyiyumvamo, ko hari uruhare tugomba kubigiramo natwe.

Hari ikintu ufite gukora kuri byo; icyo ni ukwiyegurira ubushake n'ibitekerezo by'Imana Ishobora byose

bivuye ku bushake bwawe bwite, ibitekerezo byawe bwite, kandi biba birangiye. Ibyo nibyo bihari gusa. Ni ugufata isezerano Ryayo, ntukagire ikindi utekereza. Gendera muri byo, kandi Imana izakora ibisigaye muri byo.

26 Noneho bashakaga amategeko. Kandi Imana igihe cyose iguha kwifuza k'umutima wawe; Yarabisezeranye. Ariko tubona ko, igihe banyuze iruhande intambwe imwe kubyo Imana yari yarabasezeranije by'umwimerere, noneho ibyo byahindutse ihwa mu mibiri yabo kugeza ubwo amategeko yakuriweho, kugeza ubwo Yesu Kristo yaje maze aratambwa kugira ngo akureho amategeko. Ryari ihwa mu mubiri.

Kandi buri kintu cyose ugerageza gukora muri wowe ubwawe, icyo kizakubyarira ni ugukorwa n'isoni. Kizagira umumaro mu kuguhombya. Izere Imana gusa, kandi ibyo bikemuye ikibazo. Icyo Imana yasezeranye Yaravuze iti, "Ni Njye Uwiteka Imana yawe Igukiza uburwayi bwawe bwose. (Murabona?) niba hari uwo ari wese urwaye hagati muri mwe, reka ahamagare abakuru b'itorero." Yasezeranye imirimo Yakoze, ko izakorwa mu itorero Ryayo.

27 Kubera iki tugomba kwemera amashyirahamwe, n'ibindi, abo bakura ibyo muri Bibiliya? Murabona, ibyo… bihinduka agahwa mu mubiri. Kandi hano ku iherezo ry'igihe, twongeye guhura n'icyo kintu indi nshuro, amaso ku maso; byaterwa n'Abametodiste, Ababaptista, Abapresbyteriani, n'abandi bose. Murabona? Mwe... Ntabwo mushobora gukomeza; mugomba kugaruka ku Butumwa Bwiza bwuzuye. Byari byaragenewe umuntu wuzuye bikozwe uko byakabaye n'Imana yaremye umubiri maze igatura hagati muri twe. Kandi tuziko ibyo bintu ari ukuri.

28 Noneho, niba tubibona noneho, urugendo rwabo mu butayu niho bakoreye ikosa rikomeye cyane iryo Isiraheri itigeze ikora kugeza i Karuvari, ni icyo gihe (Mu kuva 19) bemeye amategeko aho kuba ubuntu. Bari bafite ubuntu. Bari bafite umuhanuzi. Bari bafite... bafite umwana w'intama w'igitambo. Bari bafite gucungurwa. Bari barazanywe banyura mu Nyanja Itukura. Bari barakize indwara zabo. Bari baranyoye amazi avuye mu gitare cyakubiswe. Bagize... babonye manu ivuye mu ijuru. Buri kintu cyose bakeneraga baragihabwaga maze bagahita bashaka ikindi kintu.

Noneho, reka tubigereranye neza mu buryo butunganye n'iki gishushanyo cyacu cy'Abefeso uyu munsi, neza neza. Twasohotse tuvuye mu Baluteri; twinjira mu kwezwa binyuze mu Bametodiste; maze tuza kugera ku kugarurwa binyuze mu Bapantekote, neza neza nkuko byahoze, urugendo rwo mu butayu. Igihe Imana yadusohoye aho, twabikoze neza. Ariko ni iki twakoze? Twashatse kumera nk'abasigaye bandi. Noneho, tubona ko ubuntu ari cyo kintu cyonyine kidukura muri bo, ntabwo ari amategeko.

29 Yosuwa hano ni igishushanyo cy'umurimo w'iminsi yanyuma. Murabona, mwibuke izo nzego eshatu z'urugendo. Byose byarahagaze, ubwambere amategeko na burikintu byagombaga guhagarara, uko niko Yosuwa… Kandi Yosuwa ni ijambo rimwe na Yesu, "Yehova Umucunguzi," uwo wabakuye mu butayu abinjiza mu gihugu cy'isezerano. Noneho, nziko benshi babizi...

Kandi ntabwo nshaka kutemeranya n'abize, ariko benshi bavuga ko igihugu cy'isezerano gishushanya ijuru. Ntabwo gishobora gushushanya ijuru. Ntigishobora, kubera ko bagiraga intambara, n'ibibazo, n'amaganya, na buri kintu mu gihugu cy'isezerano. Ntabwo byashushanyaga igihugu cy'isezerano.

30 Ariko mwitegereze, gusa mbere y'uko binjira mu gihugu cy'isezerano, uko gutandukana kose… kwari kwahagurutse muri bo. Bo… Kimwe mu bintu bikomeye yari Kora. Ntabwo Yashakaga ubu buyobozi bw'umuntu umwe. Datani, kandi n'uburyo baje kuzamuka aho imbere ya Mose maze bakagerageza kubimubwira bati, "bwo... ubutumwa bwakagombye gusobanura ibi," kandi bukagira ubusobanuro butandukanye, ibitekerezo byabo bwite bw'icyo byari cyo. Kandi buri wese muri bo yararimbutse, buri wese muri bo

Yesu yaravuze ati, "Nta numwe muri bo utararimbutse."

Baravuga bati, "Ba data baririye manu mu butayu mu gihe cy'imyaka mirongwine," Yohana 6

Yesu aravuga ati, "Kandi buri wese muri bo yarapfuye."

"Gupfa" bisobanuye "Gutandukana by'iteka." Bose barapfuye, nyamara baryohewe no kumva ubutumwa, ndetse banaryoherwa no kuri manu yaguye. Ntabwo ari indi manu, manu y'umwimerere.

31 Ariko ubwo byageze igihe aho Balamu asohokanye izo nyigisho ze z'ibinyoma, maze aravuga ati, "Twese turi umwe. Kubera iki tutajya hamwe maze ngo tureke abana bacu bashyingiranwe umwe ku wundi? Turi ishyanga rikomeye. Tuzabagira abakomeye hamwe natwe." Noneho, umuntu uwo ariwe wese ufite imyumvire rusange y'umwuka yashobora kubona ko ari ikintu kimwe n'uyu munsi, bashyingiranwaga bose. Kandi icyo cyari icyaha kitababarirwa. Icyo ntikigeze kibabarirwa Isiraheli. Ariko hanyuma Yosuwa yarahagurutse kugira ngo asohoke.

32 Noneho, twigishijwe mu Byahishuwe igice cya 6, ndibwira, yego, igice cya 6, iby'Ibimenyetso

Birindwi. Ibyo niko byimbwira… Igitabo cyagombaga gushyirwaho ikimenyetso hakoreshejwe ubwiru burindwi, cyangwa Ibimenyetso Birindwi, Ibyahishuwe. Kandi mu minsi yanyuma, Ibyahishuwe 10, mu Byahishuwe 10, tubona ko Lawodokiya, intumwa ya nyuma y'igisekuru cya nyuma, muri... mu gihe cy'ubuhanuzi bwe, ko Ibimenyetso Birindwi bizabumburwa, ubwiru burindwi, ubwiru bw'ubwoko burindwi ubwo bwari bwarasizwe.

Muri buri gisekuru haba hari bimwe byo muri byo byasizwe. Abagorozi ntibigeze babona igihe cyo kwita kuri ibyo. Mu minsi ya Luteri, yabwirije gusa gutsindishirizwa no kwizera. Aragenda, bakora itorero. Nyuma y'ibyo haza Wesley, abwiriza kwezwa. Ngaho aho biri. Kandi hanyuma haza Abapantekote.

33 Ariko twasezeranije, bikurikije Ibyahishuwe 10, kandi bikurikije Maraki 4, na Luka 22:17, n'ibindi, ko hagiye kuzaza… Abefeso muri ibi. Aho byarasezeranywe, nshuti. Hagomba kuza Abefeso, kugira ngo ubu bwiru burindwi bw'Ijambo ry'Imana kugira ngo bubashe gutwikururwa. Kandi biri mu gisekuru cya Lawodokiya aho niho ibi bibera. Nizera ko aho ari ho turi.

Nizera ko turi mu gicucu cyo kuza k'Umwana w'Imana. Kandi nkuko Yosuwa, mbere y'uko Abefeso bahaguruka, ninako Yohana Umubatiza yahagurutse mbere y'Abefeso bakurikiraho. Kandi twasezeranyijwe abandi, abandi Befeso. Byavuze mbere hano mu Byanditswe; kubw'ibyo, ntekereza ko ndi kuba mu Befeso indi nshuro. Twasubiyeyo nanone... Twasezeranyijwe ko ibyari byarasigaye muri ibyo bisekuru birindwi...

34 Noneho, ntushobora kugira ikintu wongera ku Gitabo cyangwa ngo ugire icyo ukuraho. Ibyahishuwe 22:18 uko niko havuga hati, "Uwo ari we wese uzongera ijambo rimwe, cyangwa agakuraho Ijambo rimwe, umugabane we uzakurwa mu Gitabo cy'Ubugingo." Noneho, ntidushobora kongeramo cyangwa ngo dukuremo

Uko niko noneho, tumenya ko Abaluteri batashoboraga kubigeraho; Wesley, n'abandi, abagorozi, Knox, Finney, Calvin, kumanuka, n'abandi, ntabwo babibonye byose, ariko icyo bari bafite ni ukuri k'Ubutumwa Bwiza.

Ariko ubu muri iyi minsi yanyuma, twahawe gusobanukirwa binyuze mu Ijambo, ko tugiye kubisobanukirwa, kubera ko hazaza igisekuru cy'Abefeso muri byo. Kandi turi hano. Noneho, amayobera… Ngiye kubisiga bitarangiye, kubera mfite iminota icumi isigaye maze hanyuma tukajya mu murongo w'amasengesho. Amayobera...

35 Hari abantu bamwe b'iki gihe, abo batizera bitangaza. Baravuga bati ntabwo dushobora kwemera ko hari ikintu nk'icyo cyitwa ibitangaza muri iki gisekuru kigezweho. Rero, ntabwo mvuga ibi kugira ngo ngire ikintu kibi mvuga kuri uyu muntu, ahubwo hari icyo babuze mu mwuka. Bo... bo... bo ni... ni impumyi mu buryo bw'umwuka. Ntabwo bafite kureba k'umwuka cyangwa ibyuyumvo by'umwuka na gato. Kubera ko nta mugabo cyangwa umugore ushobora kwicara mu gihiriri cy'abantu, aho Umwuka Wera arimo kumanuka, nubwo yaba ari umunyabyaha kuburyo bwuzuye, ngo areke kumva Kugaragara kw'Imana, igihe abonye Ijambo Yasezeranye ririmo gusohora. Noneho aho waba ufite ikintu ubura; kandi igihe ubibonye n'amaso yawe biba, noneho ugomba kuba uri impumyi, mu buryo bw'umwuka; ntabwo ndi kuvuga mu buryo bw'umubiri. Ariko ushobora kuba nyakuri impumyi mu buryo bw'umwuka maze ukaba ufite kureba neza mu buryo bw'umubiri makumyabyiri kuri makumyabiri.

36 Mwibuka Eliya aho hepfo aho… Aho i Dotani, igihe yasohotse maze ateza ubuhumyi izo ngabo zose? Bibiliya ivuga ko yabikoze. Maze bose abayobora mu mutego, igihe bari bataramenya uwo ari we. Maze nyamara yasaga neza neza uko yari akwiye kuba asa, n'ibindi, maze asohoka kuri bo. Ariko bari babaye impumyi.

Kandi ushobora guhagarara Imbere y'Imana nzima; Ushobora kuba munsi yo gusigwa k'Umwuka maze ukabona bigenda, kandi nabwo ntibigukoreho. Ushobora kubona ibyo Imana yavuze, bakabikubwiriza kuburyo butunganye maze hanyuma bikagaragara, kandi nabwo ntiwinjire, ntubyizere, hanyuma, aho... uba warenze aho wagerwaho. Uba wamaze gupfa, ubuze ikintu, uri impumyi, ugiye. Bari uko bakabaye...

37 Isi. Ndibaza, niba uwo muntu umwe utizera ibitangaza, ndibaza kandi niba yashobora kuba mwene abo bantu bashora, nyakuri, muri abo bashobora kwemezwa n'ibihamya by'ubushakashatsi… Ndibaza niba mushobora kugira umushakashatsi uwo ari we wese, cyangwa undi muntu utizera mu bitangaza, kugira ngo ansobanurire uburyo iyi si ihagaze ku rwikaragiro rwayo. Ni gute ibasha gukurikiza igihe cyayo mu buryo butunganye mu gihe izenguruka umurongo wa equateur n'uburyo bigenda, muburyo butunganye? Ntabwo twari twagira imashini, isaha, cyangwa ikindi kintu, gishobora kuguma ku gihe nka gutyo; kizagenda gihindukaho iminota mike buri kwezi. Ariko ririya zuba rihora neza neza ku gihe. Imyaka ibihumbi ririmo rizenguruka, ntabwo rijya ryimuka. Nyakuri, biratunganye.

38 Ni gute ukwezi gushobora, ibirometero amamiliyoni uvuye ku isi, uburyo gukomeza kugenzura inyanja. Bimbwire uburyo muri uru rusobe rw'inyenyeri tubamo, ni gute ukwezi kwagira icyo gukora ku mazi ari ku isi? Mu buryo bw'ubushakashatsi, mumbwire uburyo bikorwa. Ntabwo byakorwa, kubera ko ntaburyo

buhari bw'ubuhanga wabivugamo. Ariko Imana yashyizeho ukwezi kugira ngo kugenzure inyanja. Kandi igihe ukwezi gutangiye kujya inyuma, igihe isi igiye kure, aha niho haza kugabanuka kw'amazi yo munyanja. Ariko igihe kubyutse mu kindi gitondo gikurikiye, bireba nka gutya, amazi y'inyanja agasubira mu mwanya wayo nano. Ni umurinzi.

"Oh," muravuga muti, "Ibyo biri ku nkombe y'inyanja." Oya.

Ibyo biri hano haruguru muri Arizona, kugera hariya muri leta ya Kentucky, aho mucukura hasi cyane mu butaka kugira mubone amazi y'umunyu, kandi muzabona ko, igihe kuriya gukururwa kw'inyanja kubayeho, ayo mazi y'umunyu ajya munsi mu bitega. Kandi igihe inyanja igarutse, nayo arongera akazamuka, kandi muri ku birometero amajana kure y'inyanja.

Twashoboraga kubwiriza ikibwiriza kuri byo. Ni gute iyo Mana, nubwo, Yo iri mu bwiza ariko gahunda Yayo aho ikora bimwe ku isi yose ko kuri buri muntu wese ufata isezerano. Gahunda yayo yaratanzwe. Ifite itegeko ry'ibyaremwe, kandi… kandi bo… bakwiriye gukomeza mu buryo bwuzuye kwirinda mu kuri kuva kuri Pantekote cyangwa ikindi gihe icyo aricyo cyose. Igihe icyo ari cyose Imana itanze isezerano, Igumana n'iryo sezerano Ititaye aho abantu bari, n'imyaka ibihumbi baba baragiye kure. Amategeko Yayo iteka aguma ari amwe.

39 Ni gute imbuto igwa mu butaka, maze ikabora, kandi ikongera ikazana ubuzima bundi bushya. Bisa nkaho, iyo iba izigera izana ubuzima, yagombye kuba mu mimerere yayo itunganye. Niba ubuzima bwarigeze buba muri yo, noneho kubera iki budashobora gusohoka muri yo? Yishyire mu butaka, ubuzima buzahita busohoka. Kubera iki ibyo byose bizengurutse ubwo buzima, ibyo byose bizengurutse ako karemangingo k'ubuzima nta muntu wabibona, ni gute buri kintu cyose kigize ibyo bizengurutse ako karemangingo k'ubuzima bigomba gupfa, bityo ikabasha ko ngera kurabya mu buzima bushya? Ariko buri kintu cyose kiyizengurutse nacyo kigomba gupfa ndetse kikabora kugira ngo ibashe kurabya ubuzima.

40 Uko niko bimeze ku muntu ku giti cye. Igihe cyose hongerewemo ibintu by'umuntu, ibitekerezo by'umuntu, aho akaremangingo k'Ubuzima k'Imana, Umwuka Wera, ntigashobora gukora. Ntushobora gukira indwara igihe cyose hari… agace kasigaye ahantu runaka, katari kabora; kaba kagifitemo ibintu by'umuntu, ibitekerezo byose by'ubushakashatsi, iminsi y'ibitangaza yarahise, nkuko bavuga. Ibyo byose bafite, byose, atari ugupfa gusa, ahubwo kubora, noneho bikavaho hagakura ka karemangingo k'Ubuzima mu buzima bushya. Ubwo nibwo buryo bwonyine bishobora gukuramo.

Iyo niyo mpamvu tutabona ibyo dusaba. Tugerageza kubitwara mu buryo bw'ibitekerezo byacu bwite.

Iyo niyo mpamvu Itorero ry'Abaluteri ridashobora kujya imbere ngo rirenge aho… aho riri, Abapantekote n'abasigaye bandi; kubera ko bacengezamo itsinda ry'abanyatewolojiya, bati, "Ibi ntabwo bikwiriye kuba muri ubu buryo. Ibi ni ibyo mu kindi gihe. Kandi ibi byari biriya." Ngaho aho biguma. Ntabwo bishobora gukora ngo bigere kuri iyo shusho itunganye ya Kristo kugeza ubwo buri Jambo ry'Imana riba ryakiriwe muri wowe, maze hanyuma ugahinduka iryo Jambo, kimwe n'iyo mbuto iba yagiye mu butaka.

41 Nakwifuza ko basobanura Abaheburayo 11:3. Abahanga bakomeye cyane twaba twarigeze tugira, mu bo nzi, harimo Einstein. Mu gihe hano hadashize igihe muri New York, narimo numva kubyo yavuze. Kandi yarimo avuga ku rusobe rw'inyenyeri, uburyo ziri kure cyane, kandi ahamya ko hariho iteka. N'uburyo umuntu waba ugenda za miliyoni nyinshi z'ibirometero ku isaha, byamufata igihe kinini, cyangwa ibirometero miliyoni by'umucyo mu isaha, kuburyo byamufata imyaka myinshi kugira ngo agere aho 1.300.000 cyangwa ikintu nk'icyo, maze hanyuma 300.000 kugira ngo agaruke. Kandi noneho yarabihamije, uko biri kose, uwo muntu amaze gusa imyaka mirongwitanu ku isi. Iteka...

42 Kandi aho hari urusobe ruto rw'inyenyeri, igihe Imana izifata nk'akantu gato cyane mu kiganza Cyayo. Bibiliya yarabivuze. Kandi Einstein amaherezo yaje gukomeretswa n'iki, "Hari inzira imwe iyo umuntu ashobora gusobanuramo inkomoko y'iyi si; ni iyo tubona mu Baheburayo 11:3. 'Tuziko isi yahawe ishusho yose binyuze mu Ijambo ry'Imana.'" Ibyo ni ukuri neza neza. Siyansi nta nubwo yashobora kuyikoraho. Maze hanyuma ukavuga ko utizera ibitangaza? Ni gute ushobora gukora nk'ibyo?

Ni gute umushakashatsi uwo ari we wese yashoboraga gusobanura imvura ya Nowa, mu gihe hatari hanagwa n'agatonyanga k'imvura hano ku isi kugera kuri uwo munsi? Ariko Nowa avuga ko aho hazagwa imvura. Kandi igihe imvura ya Nowa yaje, binyuranye na siyansi zose; nta gicu cyari aho hejuru, ntabwo hari harigeze na rimwe imvura aho hejuru. Kandi noneho igihe Imana yafunguye ijuru maze igasuka iyo migezi nuko igatembana isi, icyo cyari Amayobera; mbega uburyo ibyo ari ibintu bitumvikana, bidashobora gusobanurwa. Ariko tuziko Imana yabikoze, kubera ko Bibiliya ari uko yavuze. Kandi dufite igihamya hano ku isi uyu munsi ko ariko byari bimeze. Imana yarabikoze. Ibyo byari Amayobera.

43 Igihe Imana yafashe umuntu ushaje wari ufite Izina rya Abraham ku myaka ye mirongwirindwi n'itanu, n'umugore we, mirongwitandatu n'itanu, imyaka myinshi barenze igihe cy'ubuzima, igihe cyo gucura; kandi igihe Yafashe uwo muntu maze ikamuha isezerano ku myaka mirongwirindwi n'itanu kuri uyu mugore uwo yari yarashatse, uwo... yari mushiki we igice... Kandi yabanye nawe guhera igihe yari umukobwa;

bashakanye igihe bishoboka ko yari akiri umukobwa w'umwangavu, kandi hano yari afite imyaka mirongwitandatu n'itanu. Maze Iravuga iti, "Ugiye kuzabyara umwana kuri uyu mugore."

Kandi byari kugenda bite iyo Abrahamu ajya kuvuga ati, "Njye… Njye… ntabwo nizera mu mayobera. Njye… ibyo nsishobora kubyemera"? Byashoboraga kutabaho.

Ariko, murabona, igihe uvuze ko wizera ikintu, noneho ugomba kugishyira mu bikorwa. Noneho Abraham yari yategetswe kwitandukanya ubwe no kutizera kose maze akagendana n'Imana yonyine. Kandi aho kugira ngo agende aba umunyantege nke, yagendaga agira imbaraga. Kandi igihe yari amaze imyaka ijana na Sara afite imyaka mirongwicyenda, umwana araza.

44 Ni gute Abraham yajyaga kugarura umwana we, aho kure mu rugendo rw'iminsi itatu, ahari yari nko mu birometero mirongwicyenda uvuye aho iterambere riri, aho hejuru mu mpinga y'imisozi aho Uwiteka yari yamweretse kugira ngo ajye gutamba umwana we, Isaka? Isaka yari yikoreye inkwi, nkuko tubizi, ari igishushanyo cya Kristo. Kandi aho hejuru mu musozi yari agiye gutamba isaka nk'igitambo, kadi igihe yasohoje buri kintu Imana yamubwiye hari hasigaye gutera icyuma umwana we ngo apfe, aho ku muhogo, igihe akuyemo icyuma aho mu rwubati maze azamura ukuboko kugira ngo yubahe Imana, ku Ijambo... Kuko Bibiliya yavuze, ko, "Yari aziko Imana idashobora gutanga isezerano idashobora kurinda. Kandi yamwakiriye nk'uzutse, noneho yashoboraga kumuzura mu bapfuye maze ikamumusubiza indi nshuro."

45 Kandi igihe yari yiteguye kubaha Imana mu mwuzuro Wayo, Yafashe ikiganza cye maze aravuga ati, "Subizayo ikiganza cyawe, Abraham." Kandi aho hari umwana w'intama ufashwe mu bihuru, aho hafi muri ibyo bihuru birandaranda aho mu mpinga y'umusozi, aho hari intare, ibirura, impyisi, jackal [check], n'ibyo binyamaswa by'inkazi ibyo birya intama. Kandi noneho yari iraho mu mpinga y'umusozi aho hatari amazi. Ni gute iyo ntama yajyaga kugera aho? Abraham yarundanyije amabuye aho hose arimo yubaka... igicaniro. Ariko aho hari igicaniro uko biri kose. Byari Amayobera.

Kandi umuntu uwo ari wese wizera Imana kandi akayifatira ku Ijambo Ryayo, uko imimerere yaba imeze kose, Imana izongera ikore andi mayobera, kugira ngo ugumane Ijambo Ryayo. Kubera ko Abraham yise aho hantu Yehovayire, "Uwiteka Ubwe aribwishakire igitambo." Iracyashobora gutuma habaho Amayobera. Ishobora gukora ibyo uy'umugoroba, niba ushobora kuyifatira ku Ijambo Ryayo.

46 Daniyeli, avuye… mu isenga yuzuye intare zishonje, ni gute byashoboraga kuba kuri uwo muntu… Ni gute byari kuba mwene uwo muntu hagati y'itsinda ry'intare zishonje, arimo aho mu butaka hamwe nazo ijoro ryose zitagize icyo zimutwara? Marayika w'Uwiteka, utaragaririraga n'umwe muri bo, yari ahagaze aho. Byari Amayobera. Hari ikintu kigomba kurinda izo ntare ko zimukoraho.

Igihe bana b'Abaheburayo bagiye muri iryo tanura ry'umuriro, ibyo byari binyuranye n'imyumvire yose y'ubwenge muri icyo gisekuru gikomeye. Byari ibintu bidahuye n'ubushakashatsi kuba umuntu yajugunywa mu itanura, iryo… aho bantu bagiye kubajugunyamo aho bahise bapfa, maze bakagwa mu itanura kandi bakamara akanya muri iryo tanura, ndetse ikintu cyonyine byaakoze kwari ukubakuraho izo ngoyi zabo. Ibyo byari Amayobera. Byari ibintu udashobora gusobanura, ibintu udashobora gutekereza, ariko nyamara byari ukuri.

47 Hano Yosuwa, uwo turimo kuvugaho. Ni gute uyu muntu, uyu muntu usanzwe yanyuze muri icyo kirundo cy'imigenzo umuntu yahimbye, n'amategeko n'imihango, hamwe no kuba nta kintu muri byo cyari cyarigeze kuvuga ku kintu cyaha abantu imbaraga zo guhagarika izuba. Ariko hano yari kumwe n'umuhamagaro uvuye ku Mana, "Nzaguha buri gace kose k'ubutaka ikirenge cyawe kizakandagiraho. Nzaba ndi aho." Kandi umwanzi yari yaranduwe.

Izuba ryarimo rirenga. Iyo abo bami bagira umwanya wo kwisuganya indi nshuro ku munsi ukurikiyeho, nyakuri yajyaga gutakaza abantu. Ariko Yosuwa yamenye ko yari akeneye umucyo w'izuba. Maze areba ku zuba nuko aravuga ati, "Ukomeze uhagarare kuri Gibeyoni. N'ukwezi, kugume aho kuri Ayaloni." Kandi mu gihe cy'umunsi wose, ibyo byari ijoro ryose, izuba riguma rihagaze n'ukwezi kuguma aho. Ibyo byari Amayobera. Umuntu warimo agendera mu bushake bw'Imana yashoboraga gukora ikintu nk'icyo, Kubera yari muri... Yari nanone... mu Befeso, mu Befeso hamwe n'Ubutumwa Bwiza. Nyakuri, byari Amayobera.

Mose hamwe n'inkoni mu kiganza aramanuka maze ajya gukiza abana b'Isiraheri ibyo byari Amayobera, igihe Egiputa yari ifite ingabo n'abantu bayo batojwe neza. Byari Amayobera.

48 Kuvuka k'umwari byari amyobera. Ni gute umwari, binyuranye n'ubushakashatsi bwose, umugore utarigeze umenya umugabo n'umwe, yajyaga kubyara Umwana; kandi atari Umwana gusa, ahubwo Imanweli, Uwo wari icyo yari yahamijwe neza neza kuba icyo yari yavuze ko azabacyo. Ni gute ibyo byajyaga kubaho? Byari Amayobera. Kubera ko Imana yabwiye umuhanuzi Wayo imyaka ijana mbere, maze umuhanuzi yubaha Ijambo ry'Imana, kandi Ijambo ryari ryaravuzwe. "Ndetse Ijambo ryari ryambaye umubiri maze Ritura hagati muri twe." Kandi twizera ibyo. Nyakuri, byari Amayobera.

Ni gute Yashoboraga kugenda ku mazi, ibyo byari Amayobera. Ikiremwamuntu, ukurikije igipimo cy'ikirenge cyawe, ntiwashobora kubikora. Ariko Yarabikoze. Ibyo byari ibiki? Ibidashobora gusobanurwa, ariko nabwo byari Amayobera. Imana yarabikoze. Turabyizera.

Ni gute Yagaburiye abantu ibihumbi bitanu hamwe n'amafi abiri n'ibisuguti bitanu? Ariko yarabikoze; ntabwo yatubuye gusa amafi, ahubwo yatetse amafi; atari imigati gusa, ahubwo yatetse imigati. Ni gute yajyaga guhindura amazi ngo abe vino? Byo byari amayobera.

49 Yakijije abarwayi, abo bari… bari ababembe. Ibyo badafite ikintu babikorera kugeza n'uyu munsi, siyansi nta kintu ifite, cyakiza ibibembe, ariko Yesu yabakijije akoresheje Ijambo Rye. Byari Amayobera. Kandi We ari uko yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka. Ijambo Ryayo n'ubu riracyacyiza abarwayi. Ni amayobera, nyakuri.

Yazuye abapfuye, nyuma y'uko ubuzima bupfa bwari bwabavuyemo; Lazaro, umwana w'umugore w'i Nayini, n'umukobwa wa Yayiro. Yazuye uwapfuye akoresheje Ijambo Rye, kubera ko We ni Ijambo.

Maze hanyuma ikindi kintu gikomeye, mu gusoza, kugira ngo uhamye ko Yari Mesiya, kugira ahamye icyo Yari Cyo, Yagombaga kuza mu buryo bukurikije kandi busubiza Ijambo. Kandi Ijambo ryaravuze, igihe Yavuganaga n'umuhanuzi ati, "Uwiteka Imana yawe izaguhagurukiriza Umuhanuzi umeze nka njye."

50 Hazaba benshi bazahaguruka. Kandi bagiye babaho, imyaka amajana n'amajana, ntabwo bari bafite umuhanuzi. Oh, bari bafite abatambyi n'abantu bakomeye, kandi nkuko tubisoma mu mateka hagati y'igihe cya Malaki na Matayo, hari imyaka maganane, habayeho abantu bakomeye. Ariko nta muhanuzi warimo.

Maze hanyuma aho We araza ajya mu murimo, kugira ngo Ahamye ko yari We Efeso igaragajwe, Yohana yarabitangaje. Ariko Yesu yari Byo, Yari Ijambo rigaragajwe, Ubwe.

Igihe Petero yaje kuri We umunsi umwe hamwe na Andreya, izina rye ryari Simoni. Kandi igihe Yesu yari ahagaze aho, ntabwo yari yarigeze abona uwo mu buzima Bwe (Mwumve neza.) igihe Yahagaze aho maze areba uwo muntu, nuko aravuga ati, "Izina ryawe ni Simoni, kandi uri umwana wa Yona." Icyo ni Amayobera. Neza niko byari biri. Nyakuri yari Amayobera.

51 kandi igihe Filipo, yari ahagaze aho, arimo yumva ibi, maze amenya ko umwirondoro wose ko uyu yari Mesiya, yari abizi neza. Arabyizera. Ntabwo yarabuze ikintu muri we, nta nubwo yari impumyi. Arirukaaho ku nkombe y'uruzi ibirometero bike, nuko abona inshuti ye yitwa Natanayeli. Kandi igihe yaje agendagenda... Kwizera k'uwo muntu, uwo ushobora kuzana undi mu materaniro kureba...

Igihe yazamutse imbere ya Yesu, Yesu aravuga ati, "Dore, hariya hari Umuyisiraheli, muri we nta buriganya burimo."

Byatunguye uwo muntu. Aravuga ati, "Ese wamenye ryari?" Noneho, mwitegereze; ibi ntabwo byumvikana. Yego mugabo. Ni ibintu udashobora gusobanura. Aravuga ati, "Ni gute wamenye?"

Aravuga ati, "Mbere y'uko Filipo aguhamagara, igihe wari munsi y'igiti, nakubonye." Amayobera.

52 Yari akeneye, kugenda akanyura i Samariya. Kandi igihe yagiye anyuze i Samariya, mu murwa witwa Sukara, Yari yicaye aho ategereje abigishwa Be bari bagiye kugura ibyo kurya. Maze, mwitegereze, umugore araza aho ku iriba, uwo wari ufite izina ribi. Maze Aramubwira ati, "Mugore, genda Unzanire icyo kunywa, cyangwa nzanira icyo Nywa."

Maze aravuga ati, "Ntabwo ari umuco wacu ko mwe mudusaba nk'ibyo. Twe… Ndi Umuyahudi… cyangwa Umusamariya; Uri umuyahudi. Ntacyo dufite… Ntacyo dukorana na mwe."

Aravuga ati, "Ariko iyo umenya Uwo muri kuvugana..." Mwitegereze aya mayobore yari agiye kuba. Ntibigucike. Aravuga ati, "Ni gute… ni gute washobora kubikora, avuga ibi? Njye, ndi umusamariyakazi, naho Wowe Uri Umuyahudi. Ntacyo dufite kuvugana"

Aravuga ati, "Ariko iyo umenya Uwo muri kuvugana, cyangwa Uwo warimo kuvugana na we, wowe… wari kunsaba icyo kunywa." Maze Arakomeza kugeza amenye aho ikibazo cye kiri. Maze Aravuga ati, "Genda uzane umugabo wawe maze muze hano."

Maze aravuga ati, "Nta mugabo mfite."

Aravuga ati, "Uko ni ukuri. Nta mugabo ufite, kubera ko wari ufite batanu, kandi n'uwo ufite nonaha ntabwo ari umugabo wawe. Kubw'ibyo, wavuze ukuri."

Aravuga ati, "Mugabo, menye ko Uri umuhanuzi." Ntabwo bari barigeze babona n'umwe mu myaka ijana ishize. Aravuga ati, "Tuziko Mesiya agomba kuza, kandi, igihe Azazira, Azatubwira ibi bintu."

Aramubwira ati, "Ni Njye."

53 Byari Amayobera ahamirijwe, kandi uko noneho niko ari Ukuri k'Ubutumwa Bwiza; Ubutumwa Bwiza bwari bwarasezeranije ibi, kandi hano birahaba maze bihamiriza icyo byari cyo.

Noneho, reka mbahe amwe mu mayoberea akomeye cyane, umunota umwe. Muri Yohana 14:12, Yesu yaravuze, yasezeranije ko abizera bamwizera, bazakora imirimo imwe. Ese uko ni ukuri? Imana, iyo ishyiraho itegeko cyangwa isezerano, igomba kurinda iryo sezerano kugira ngo ibe Imana. Iraririnda. Utekereje, Imana... Kubera iki, byari Amayobera ubwayo; kubera ko Imana, Yatanze isezerano kandi ikaba idashobora kwica iryo sezerano, yatanze iryo sezerano ku bintu Yari kuzakorera ubwoko Bwayo kugira bukurikire aho hose muri icyo gisekuru kugeza igihe Azongera kugarukira indi nshuro. "Mugende mu mahanga yose, mubwirize Ubutumwa Bwiza buri cyaremwe (buri kiremwa, isi yose.); uwo wizera kandi akabatizwa azakizwa, ndetse uwo wizera ntabwo azacirwaho iteka; kandi ibi bimenyetso bizagendana n'abizera." Igomba kurinda iryo Jambo. Ikinid kubera ko Yavuze, byavuye mu kanwa Kayo, bigomba gusohora.

Ibyanditswe byose bigomba gusohora. Uko niko ari Amayobera kumva Yesu Umwana w'Imana kuba yavuga iyo mvugo nk'iyo, "Ibintu nkora namwe muzabikora." Noneho, Bibiliya yaravuze mu Baheburayo 13:8, We ari uko yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka. Ibyo ni amayohera, kubera ko bigomba gukorwa. "Ijuru n'isi bizashira, ariko nta Jambo na rimwe Navuze rizigera rihera," Niko yavuze. Bigomba gukorwa.

54 Noneho, nshuti, nizera ko We Ari uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka. Nizera ko We ashoboye kuri uyu mugoroba gutuma, muri iyi nyubako, haba Amayobera, kubera ko yasezeranye ko bizabaho.

Kandi ni kangahe We yasezeranye, ni bingana iki biri aha muri iyi Bibiliya, kuri iki gisekuru ubwacyo icyo turi kubamo, Efeso indi nshuro muri iki gisekuru cy'itorero. Dufite ibisekuru birindwi by'itorero, kandi twasezeranijwe ko iri torero ry'igisekuru cya Lawodokiya aho hagombaga indi Efeso. Uko ni ukuri. Kandi turi hano. Ndabyizeye, hamwe n'umutima wanjye wose, uwo Yesu Kristo watanze isezerano...

Nkuko nabivuze mu butumwa bwanjye buheruka, mpagaze hariya kuri ruriya rukuta, igihe narindi hano mu byumweru bike bishize, igihe cyose urambuye urutoki rwawe, ibyo birakomeza bikagenda bikazenguruka isi, ntabwo byigera bihagarara. Buri kunyeganyega kose ukora, uzabibona ku rubanza. Televiziyo ihamiriza ko biri hano, ikirere cya kane. Kubera ko televiziyo ntabwo irema amashusho; iyobora gusa iyo miraba ikajya mu itiyo, maze mukabona ifoto. Ibara, buri kintu, kandi buri kintu cyose kirimo kugenda cyaba kiri hano ku igi kirimo kiragendagenda hano ubu, gifatwa amashusho. Umunsi umwe gufata amashusho kwawe bizagera aho birangire, kandi uzajya gusubiza kuri ayo mashusho. Uko ni ukuri.

Mana, ureke mbe ntewe, reka mbe mfuye kuri njye ubwanjye no kuri buri kintu kizengurutse, maze mbe nyoborwa n'Ijambo ry'Imana riba hagati muri twe uyu munsi. Reka dusenge.

55 Mwami Yesu, Uri Amayobera, igihe Imana yambaye umubiri. Ndasenze Data wo mu ijuru, kugira ngo Wigaragaze Ubwawe uyu mugoroba, Ubiduhamirize hano uyu munsi. Atari ukuduhamiriza gusa… Hari, ndibwira, mirongwicyenda n'icyenda cyangwa barenga by'abantu bicaye hano bizeye ibyo, buri Jambo. Ariko dushobora kongera kukubona indi nshuro, no gutuma tumenya ko iri Jambo Wavuze, iri rikirimo kuzenguruka aha hose mu isi, rimeze nk'iryafashwe amajwi, reka twinjire muri ibyo wafashe amajwi, Mwami. Reka twinjiremo kandi ntituryumve gusa nkaho rije bwa kabiri rivuye mu kanwa k'umuntu; ahubwo reka uwo munwa, n'uwo muntu n'aba bantu bose bicaye hano, bahinduke Ijambo Ryawe. Twiteguye gupfa, ku bitekerezo byawe, Mwami, kugira ngo tukubone usohoza isezerano Ryawe, "Ibintu Nkora namwe Muzabikora." Ndagusenze kugira ngo Ubiduhe mu Izina rya Yesu. Amena.

56 Noneho mbere y'uko duhamagara umurongo w'amasengesho. Umunsi umwe nari mfite ice cream ndi hamwe n'umusaza w'umuganga w'inshuti yanjye. Aravuga ati, "Ndashaka kukubaza ikintu, Billy."

Ndavuga nti, "Yego."

Aravuga ati, "Ese wizera mu..." Aho niho nakuye iki gitekerezo: Amayobera. Aravuga ati, "Ese wizera mu mayobera?"

Ndavuga nti, "Yego."

Aravuga ati, "Njye… Ndabizi ko ariko uri." Aravuga ati… Ambwira umuntu umwe wakize indwara, kubera ko yasengewe; uwo yamugurishije imiti y'igicuri imyaka myinshi, rimwe na rimwe yafatwaga inshuro zirindwi cyangwa umunani ku munsi; imiti ikomeye cyane. Maze aravuga ati, "Ntabwo byigeze byongera kugaruka ukundi. Ndamubona igihe cyose; ntabwo cyigeze cyongera kugaruka ukundi." Aravuga ati, "ndashaka kukubwira ikintu, kugira umenye ko nizera ibyo uvuga."

57 Aravuga ati, "Mu gihe cy'ibibazo by'ubukungu, umuhungu wanjye hano yari ku iduka." Aravuga ati, "We… yarategereje umuntu umwe ukiri muto, aho yashoboraga kuvuga… Bamwohereza hasi ku murongo, gufata imiti." Nuko aravuga ati, "Umugabo umwe azamuka hano, kandi yari afite umugore," Aravuga ati, "umugore muto, yari nka... Washobora kumureba maze ukabona ko ari nko hafi kubyara umwana, igihe icyo aricyo cyose," Maze aravuga ati, "Ntiyashoboraga guhagarara muri uwo murongo ukundi," maze

avuga ko uwo yinjije umugore we mu muryango, kandi yari yegamiye urutugu rwe.

Kandi aravuga ati, "Umuhungu wanjye araza, aramubwira ati, 'Ese nagufasha?' aramusubiza ati 'Yego,' ati, 'hano hari imiti muganga yakwandikiye.' Ariko aravuga ati, 'ndashaka kugusobanurira.' Ati, 'Njye… Nta mafaranga twari twakabona.' Ati, 'tuyategereje mu buyobozi, ariko umugore wanjye ntabwo agishoboye gutegereza. Muganga yavuze ko agomba guhita afata iyi miti aka kanya.' Maze aravuga ati, 'Muramutse... Muramutse mumpaye iyo miti, najya hariya maze nkahagarara kuri uriya murongo kugeza ubwo njye... mbonye ariya mafaranga avuye mu buyobozi.'"

"Maze umuhungu aravuga ati, 'Mugabo, wihangane.' Ati, 'Binyuranye… n'amategeko yacu hano gutanga imiti utabonye amafaranga.' Muzi uburyo byari bimeze muri iyo minsi. Maze aravuga ati, 'Njye… numvishe mbababajwe n'uwo mugore, ariko sinashoboraga kubikora.'"

58 Aravuga ati, "Nari nicaye aho nyuma ndimo nsoma ikinyamakuru. Maze ndareba," nuko aravuga ati, "ikintu kidasanzwe gikora ku mutima wanjye." Aravuga ati, "Ndahaguruka; ndavuga nti, 'Tegereza umunota umwe, muhungu, tegereza umunota umwe.' Umugabo atangira gusohoka, aravuga ati, 'Ubwo, ni uko biri, muhungu,' atangira gusohoka." Maze aravuga ati, "Naravuze nti, 'Tegereza umunota umwe,' ati, 'ibyo ni ibiki?' Ati, 'Rero...' Uyu mugabo arabimusobanurira."

Aravuga ati, "'Reka ndebe urwo rwandiko rw'imiti' Ati, 'Tegereza umunota umwe, muhungu wanjye; ndagushakira imiti.'"

Ati, "Nsubira inyuma maze mushakira imiti muganga yamwandikiye aho ku rupapuro." Maze aravuga ati, "Nzamuka aho, maze barayibona..." Aravuga ati, "Muyimuhe, ntazi niba nzayabona cyangwa ntazayabona, ariko natekereje ko nkwiriye kubikora." Aravuga ati, "Niyumvishemo ko nkwiriye kubikora." Maze aravuga ati, "Billy, igihe nashyizemo iyo... iyo miti nyishyize mu biganza by'uwo mugore," aravuga ati, "yari Umwami Yesu." Aravuga ati, "Nabonye Umuntu uhagaze hariya." Maze aravuga ati, "Naje gusoma ibyo mu Byanditswe nyuma ati, 'Icyo muzagirira umwe muri aba bato, abato banjye, ninjye muzaba mugikoreye.'" Aravuga ati, "Billy, ni iki cyabaye ku maso yanjye? Ese nyakuri narabibonye?"

Ndavuga nti, "Yego, mugabo. Ndabyizeye. Nizeye ko wasohoje umurimo wawe nk'umuntu utanga imiti ku bantu barembye bayikeneye. Yesu yaravuze ati, 'Icyo muzakorera aba bandi, Ninjye muzaba mugikoreye.' Ndabyizera."

59 Kandi nizera ko icyo kintu kimwe uyu munsi kiri hano aka kanya hamwe n'aba bantu, ko Yesu Kristo ashobora kwigaragaza Ubwe, Akihindura Ubwe Ijambo ryambaye umubiri hagati muri twe muri uyu mugoroba. Ese mwabyizera? Umwami abahe umugisha.

Noneho, tugiye guhamagara amakarita yo gusengerwa, kugira ngo abantu baze. Kandi noneho, ntabwo turibufate benshi, kubera ko ndatekereza ko ubu, niba ndimo kureba neza ku isaha aka kanya, nsigaranye iminota makumyabiri n'itanu kugira ngo nsoze saa kumi zuzuye nizo mfite, ariko turibukomeze. Ubu, reka dutangirire ku makarita yo gusengerwa, ndibwira ko ari A. Ese nibyo? reka duhere kuri A-1

Ninde ufite ikarita ya A-1? Noneho ndajya mbahamagara umwe umwe, noneho niba uremaye dushobora kuguterura. Niko biri. Ikarita yo gusengerwa A-1. Ninde uyifite, zamura ikiganza cyawe, ahantu runaka mu nyubako? Niko biri, ngwino. Hariya ahagana inyuma. Ese waza, mugore, niba ubishobora. 1,2, ninde ufite ikarita yo gusengerwa ya 2? A-2, ese wazamura ikiganza cyawe niba wowe... Ese washobora kugenda? Nta kibazo, ngwino ahagana hano, egera kuri uru ruhande. 3, niba washobora kuzamura ikiganza cyawe, njye... nahita nyibona; ntabwo tuributegereze umwanya munini. Ikarita yo gusengerwa 3, ese wazamura ikiganza cyawe. Nta kibazo, umugabo umwe hano hepfo. Nta kibazo, ngwino ahagana hano, mugabo.

Ikarita yo gusengerwa numero ya 4, Ese wazamura ikiganza cyawe vuba vuba ubu, wagira vuba vuba uko ushoboye. Ikarita yo gusengerwa nimero 4. Nta kibazo. Numero 5. Uko ndajya nguhamagara ujye uhita uhaguruka, numero 5. Niko biri, numero 6, numero 7, numero 8, numero 9, 10.10, noneho umwe, babiri, batatu, bane, batanu. 10, nta kibazo, 11,12,13,14. Ese warimo uza, mugabo, 14? Nta kibazo. 14, 15. Rero, abo... abo baraba... Abo baraba bahagije aka kanya; aba baraba bahagije uyu mugoroba, kubera tudafite igihe gihagije.

60 Noneho, murebe. Ndashaka ko noneho munkurikira mutarebye iruhande. Noneho, Yesu yatanze isezerano, ko, "Akanya gato, kandi isi ntabwo izongera kumbona ukundi, nyamara mwe muzambona." Ibyo murabyizeye? "Isi" isi, ni "gahunda y'isi." Murabona, Yari aziko bazajya mu bigezweho n'ibindi. "Ariko ntabwo bazongera kumbona ukundi; nyamara mwe muzambona." Kubera ko Yabisezeranye, "Nzabana namwe, yewe no kugeza ku mperuka y'isi." Ese ibyo ni ukuri? Kandi Bibiliya iravuga (Abaheburayo 13:8) We Ari uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka. Ese ibyo murabyizeye? Iryo niryo sezerano.

Noneho, ntabwo mukeneye kuzamuka hano kugira mukire indwara. Ikintu kimwe gusa mufite gukora ni ukwizera Ijambo ko ari Ukuri. Noneho, ngiye kubasaba, niba mubishaka, kugira ngo mwubahe kandi mutuze mu kanya gato.

61 Ese bose binjiyemo hano imbere, Billy? Ufite babiri hanze, batatu hanze? Uvuze gute? Abandi batatu? Nimero ya gatatu, ikarita yo gusengerwa numero ya 3. Iki… Gute, ni gute bavuga mu kinyamexique iryo jambo, 3? Ese hari uwashobora kubivuga? [umuntu umwe aravuga ati, "tres." —Ed.] Nta kibazo, nyakuri babyumvise. Iki, abo, uwo ari wese ufite ikarita yo gusengerwa, naze hano muri uyu murongo, Ese mwaza? Oh, yego. Oh, ndatekereza ko ari umuntu uyifite, kandi akaba atabimenye, none akaba yasubiyeyo. Niko biri. Noneho, ubu bimeze gute...

Ese buri wese arizeye ubu hamwe… hamwe n'umutima wanyu wose? Rero, reka twongere dusenge indi nshuro noneho.

62 Mwami Yesu, ubu tubonye ko dushobora gusoma Ijambo, kubyo tuzi, tukarisobanura. Ariko, Mwami, Ni Wowe Wenyine ushobora kurihamiriza. Ni Wowe Wenyine ushobora kuvuga ko ari ukuri cyangwa atari ukuri. Kandi, Data, ndasenze uyu munsi kugira ngo ureke amaso y'aba bantu afunguke. Kugira ngo tubashe kubona Amayobera uyu mugoroba, gusa, Mwami, birahagije gutuma abantu babona ko Uri hano, ko Utari kure yacu, kandi ko Ijambo Ryawe Riri uko Ryari ejo hashize, uyu munsi n'iteka. Kubera ko Uri Ijambo. Kubwo kugirira abarwayi, Mwami, kubw'aba babaye; benshi ahari bari hano bavuye mu bice byinshi bitandukanye by'igihugu, ibice by'igihugu, Bagomba... ni abaguwe nabi, ntabwo bashobora kunezerwa amateraniro, mu bundi buryo, niba batakize indwara. Ndagusenze kugira ngo ubakize. Biduhe, Mwami. Kandi noneho, ni twe biremwamuntu byonyine, abo bashobora kubwiriza Ijambo maze bakavugako icyo Wavuze ari Ukuri; noneho Ni Wowe Umwe wo kubihamiriza. Ndasenze ngo Ubiduhe, mu Izina rya Yesu. Amena.

63 Noneho, ndashaka ko munkurikira mutarebye iruhande, akanya gato, kandi niba buri wese yaba yicaye akanya gato. Noneho, kubyo mbasha kumenya byose, birumvikana, nta numwe nzi hano nshobora kubona muri iyi nyubako, uwo mbasha kumenya hariya hanze. Noneho, ntabwo mukwiriye kuza hano kugira ngo mukire indwara; uwari wese ibyo arabizi. Murabona?

Hari umugore muto igihe kimwe, ntiyaribushobore kubona ikarita yo gusengerwa, nkuko twabivuga, maze akora ku ikanzu Ye. Nuko Arahindukira, maze Arareba, nuko Aravuga ati, "Ninde unkozeho?" Kandi bose barahakana. Maze Areba aho hose maze abona uyu mugore muto. Ntabwo yashoboraga kwihisha ubwe, kubera ko (Murabona?) Umwuka w'Imana wari muri We yaramuyoboye... Yari Ijambo. Kandi rimuyobora neza kuri uwo mugore, maze Amubwira icyo ikibazo cye cyari cyo. Yavaga imugongo, maze akira indwara. Arizera. Kandi ako kanya mu mubiri we yiyumvamo ko iyo soko ya maraso ikamye.

64 Noneho, We ni Umwe uyu munsi. Ntabwo ukwiriye kuba hano. Ubu, Bibiliya yavuze ibyo mu Isezerano Rishya ubu, ko Yesu Kristo ari we Mutambyi Mukuru. Ese ibyo tarabyizeye? Umutambyi Mukuru dufite, umuhuza umwe gusa dufite hagati y'Imana n'umuntu, ni Umuntu Kristo Yesu. Ese ibyo murabyizeye? Kandi Bibiliya ivuga ko We ari Umutambyi Mukuru uwo ushobora gukorwaho no kwiyumvayumva k'ubumuga bwacu. Ese ibyo ni ukuri? Ni bangahe baziko ibyo ari ukuri? Muzamure ibiganza byanyu... Niko biri. Ntabwo ndi mu bashyitsi kuri iri Jambo.

Noneho, Ni gute Yakora uramutse umukozeho? Yakora nkuko Yakoze igihe Yari hano, kubera ko Ari uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka. Ese ibyo ni ukuri?

Noneho, mwizere gusa. Muvuge gusa muti, "Noneho, Mwami, narindi mu materaniro; nayahozemo; ariko ngiye kwizera uyu munsi. Njye… Nta nubwo nkwiriye gufata ibitekerezo byanjye ubwanjye. Ngiye kwizera n'umutima wanjye wose, ko Uri hano. Kandi mfite icyo nkeneye, kandi Wowe... Wowe gusa... Umfashe, Mwami." Murabona? Noneho, mukore ibyo. Ntimucike intege; mufite gutuza mugire kwizera.

65 Impano yo kwizera ni ikintu ufata maze ukagikoresha ikindi. Impano yo kwizera ni wowe wivana ubwawe mu nzira. Impano iba irimo gukura wowe ubwawe mu nzira.

Noneho, hano hahagaze umugore. Data Mana urabizi, kubyo nzi byose, ntabwo nigeze mbona uyu mugore mu buzima bwanjye. Ni umushyitsi byuzuye kuri njye. Ariko… Kandi aho… Nta bantu babiri cyangwa batatu nshobora kubona hariya, niko biri.

Ndatekereza ko uyu ari Mrs. Vayle wicaye hano, umugore wa Mwene Data Lee. Ntabwo mbizi neza. Hanyuma nzi n'aba bahungu batatu cyangwa bane bicaye ahagana hano. Kubyo mbasha kumenya, abo nibo mbasha kubona muri aka kanya, bo nzi. Ndibwira ko uriya ari Mwene Data Anthony Milano wicaye hariya, uturutse New York, Mwene Data Pat Tyler uturutse Kentucky. Hanze y'abo... Nzi Mwene Data Sothmann urimo hano ahantu runaka, namwumvise avuga n'ijwi rirenga "amena" mu kanya kashize. Abo nibo ngarukiraho, kandi Data wo mu ijuru ibyo arabizi.

66 kandi uyu mugore uhagaze hano, njye ntabwo nigeze mubonaho. Nta gitekerezo mfite ku mpamvu ari hano. Ni umugore wazamutse hano ku gicaniro, kimwe n'uko mwicaye aho.

Noneho, niba uyu mugore hari icyo akeneye, rero, noneho, njye… njye… Iyo mbasha kumufasha, njye… nahita mbikora nyakuri. Ariko noneho, njye… njye… Ibyo biterwa n'icyo akeneye. Niba ari amafaranga, njye… nashobora kubona bingoye amadorari atanu cyangwa icumi. Hanze y'ibyo, ntabwo

mbizi (Murabona?) naho ubundi namuha sheki iriho itariki ya kera, kugeza ubwo nabo ubwishyu mu kwezi gutaha. Ariko noneho, byaba bimeze bite aramutse afite ikibazo mu rugo? Noneho, nshobora kuvuga nti, "Genda uzane umugabo wawe, maze tuvugane; ahari nshobora kugufasha."

"Nta buryo mfite bwo kugera mu rugo"

"Rero, nasaba umuntu niba yashobora kukugezayo… akakujyana mu rugo, ugafata nzira ukagenda. Nkakubaza nti, 'Utuye hepfo aha kuwuhe muhanda?'" Cyangwa ikindi byabacyo cyose, ntabwo mbizi. Ariko niba ari uburwayi, noneho njye… Ntabwo mbizi. Murabona? Ariko ntabwo nzi uyu mugore.

Ariko hari Umuntu hano, iri Jambo, ryasezeranye riti, "Ibintu nkora namwe muzabikora."

67 Noneho, ahari, byagenda bite niba uyu mugore arwaye; wenda afite kanseri; ahari afite Igituntu, kandi… cyangwa ikindi kintu imiti idashobora kugira icyo ifashaho… biri kuri urwo rwego? Rero, noneho, ntabwo nashobora, njye nta buryo na bumwe namukizamo.

Ariko noneho, Aramutse ampishuriye icyo uyu mugore ashaka nkuko Yabikoze kuri wa mugore wo ku iriba, cyangwa nkuko Yabwiye Natanayeli, cyangwa… cyangwa yabwiye Simoni izina rye iryo ariyo, Aravuga ati, "Izina ryawe ni Simoni. Uri umwana wa Yona. Guhera ubu uzitwa Petero, aribyo bisobanuye 'ibuye rito.'"

Rero, ubu, niba Yashobora gukora ikintu nk'icyo hano imbere yanyu mwese, ibyo byaza kwerekana ko iryo Jambo ari Ukuri. Noneho, ni bangahe bashobora kwizera ibyo? Ese hari umuntu hano ushobora kuba azi uyu mugore, zamura ikiganza cyawe, haba hari umuntu hano mu nzu? Yego, benshi muri mwe muramuzi. Niko biri. Data Arabizi ko ntamuzi. Rero, ubu, reka turebe icyo aribuvuge. Kandi ibyo, bishobora kuba ari Amayobera? Ntabwo nzi ikibazo afite. Ntabwo nzi impamvu ari hano, cyangwa nta n'ikintu muziho. Ariko Imana irabizi.

68 Noneho ngiye kuvugana n'uyu mugore. Ubu, uyu ni umuntu wambere ugeze imbere yanjye nko mu mezi atatu. Noneho, ndashaka kuvugana n'uyu mugore, akanya gato. Kandi icyo nicyo? Kuvugana n'umwuka we, nkuko Yesu yabikoze ku mugore wari ku iriba, avugana n'umwuka we.

Noneho, niba Umwami Yesu, ashobora kumpishurira ikibazo ufite, cyangwa impamvu uri hano, cyangwa ikintu kuri byo, ibyo uziko ntacyo mbiziho, cyangwa ikindi kintu kiri muri ubwo buryo, ese wabasha kwizera ko ari We? Agomba kuba ari We, ese sibyo? Bigomba kuba ari We. Naramuka abikoze, noneho turaza kumushimira ko tumenye ko twe... ko Ijambo Rye ari ukuri, noneho dushobore kuryiringira.

Noneho, niba Yashobora kumpishurira ikibazo ufite, kandi njye ntakuzi, ibyo urabizi… Ariko noneho niba Ashobora kumpishurira ikibazo ufite, cyangwa ikindi kintu kuri wowe, noneho ibyo biribwerekane ko hari Umwuka uri ahantu runaka hano Uwo Ukuzi, kandi urabizi ko ntakuzi. Noneho ntabwo araba ari umuntu; araba ari Umwuka. Kandi icyo nicyo Imana yasezeranye kuri iki gihe cya Efeso. Ese ibyo murabyizera ko ari Ukuri? Turamusaba ngo Abiduhe.

69 Ndabona ikintu kimwe; afite uburwayi bwa sinesite aha hejuru ku mutwe we. Uko ni ukuri. Nibyo? Zamura ikiganza cyawe niba aribyo. Ariko sinesite ntabwo zagutera kwitsamura gutyo no kumererwa utyo, noneho unafite hay fever nayo. Uko ni ukuri. Ntabwo uri uwaha muri Phoenix. Uraturuka ahantu... ahantu hari imisozi myinshi, ibiti. Uraturuka Flagstaff. Uko ni ukuri. Ese wizeye Imana ko ishobora kumbwira uwo uri we? Uri Mrs. Earl. Yego. Ese nibyo, ese nibyo? Noneho, genda, wizere, byose byamaze kugenda.

Noneho, ese We Aracyari uko Yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka? Noneho, Data wo mu ijuru arabizi ko nabonye uyu mugore. Murabona, Ijambo rihamirijwe. Noneho, ntabwo ari njye; ndi umuntu. Ni kimwe ni iyi ndangururamajwi, yaba icecetse ndamutse ntavugiye muri yo, cyangwa undi muntu. Kandi uko niko umuntu ameze aba acecetse. Ariko ni Umwuka, kandi uwo Mwuka uri ahagana hano hagati muri mwe. Murabona? We ni Ukiza indwara, ntabwo ari njye.

70 Umeze gute, mugabo? Undi muntu w'umushyitsi kuri njye. Ntabwo nzi uyu muntu. Noneho kubyo nzi byose. Ntabwo nigeze mubona mu buzima bwanjye.

Ariko noneho, Umwuka, Umwuka Wera, Umwuka Wera na Yesu Kristo ni Umwuka umwe Ubwawo. Umusigwa, Yesu, Umuntu, yari Umwana w'Imana, ariko Umwuka Wera wari kuri We yari Imana. "Data atura muri Njye." Murabona? Ni Umwuka Wera, nabwo iracyari Imana.

Noneho, niba nshobora kwifata njye ubwanjye, uwo muntu nkamukura munzira, noneho icyo gice kikaba gipfuye, noneho nkareka Umwuka w'Ubugingo ugatangira gukora. Murabona? Iyo niyo mpamvu ntegereza iminota myinshi kugira ngo ndebe ikiribube kugeza ubwo gusigwa gutangiye.

71 Niba Umwami Imana, Uwo turi Imbere Ye, ampishuriye, mugabo, ikibazo cyawe icyo ari cyo, cyangwa ikintu wakoze, cyangwa… cyangwa ikindi kintu kuri wowe, ikintu runaka. Kubera ko, uko turushaho kuvuga, niko birushaho kugenda. Ariko, reba, hari abandi bari mu murongo. Ariko niba Aribumbwire icyo

ikibazo cyawe kiricyo, ese wabasha kunyizera ko ndi umukozi We, kandi ukizera ko Ari hano? Hernia. Ese nibyo? Uko ni ukuri...

Noneho, wavuga uti, "Ese ibyo bikozwe gute?" Nifuzaga na njye kuba nabimenya. Nta muntu uhari washobora gusobanura ibyo. Ibyo ni Amayobera. Murabona?

Hano, ibyo ushobora kumenya, mbonye ikindi kintu; ikizamini; ufite uburwayi bw'umutima nabwo. Zamura ikiganza cyawe. Mr. Anderson, ushobora kujya mu rugo ubu; Yesu Kristo aragukijije. Uko ni ukuri. Wizere gusa; gira kwizera. Ntushidikanye.

72 Umeze ute mugabo, mugabo? Ntabwo tuziranye. Ntabwo nkuzi. Kubyo nzi byose, ni ubwambere naba nkubonye, cyangwa naba ngiye kukumenya. Uko niko biri. Ariko Aratuzi, twembi.

Noneho, Uzi impamvu ibi bintu birimo kubaho? Ni buntu bwayo buri mo kubitera, kugira ngo bizanire aba bantu gutekereza ku Mana. Noneho, kubwo kuba nta kintu nkuziho, no kuba ntanakuzi… nta hantu, ari umuntu w'umushyitsi uje hano… Noneho, biraza kuba nyakuri Amayobera ku kintu kiri bube... kubwo kumenya ikibazo wari ufite, cyangwa ikintu wakoze, cyangwa ikintu utari ukwiriye gukora, cyangwa ikintu wagombaga gukora, cyangwa icyo uri cyo cyangwa ikintu cyerekeye kuri wowe. Bishobora kuba ari Amayobera, kubera ko nta buryo buhari kugira ngo umuntu abe yamenya ibyo, hanze yo guhishurirwa kw'ibitagaragara. Uko niko biri. Noneho, Naramuka Agukoreye ibyo wowe, hagati yawe na njye, ubwo nibwo buraba ari ubufasha... Atari ukwigaragaza, ahubwo kugira ngo babashe kubona ko Efeso iri hano, icyo ni cyo kintu cy'ikiraro hagati y'idini n'igihugu cy'ubwiza, Yarabisezeranye, kugira babashe kumenya neza ko turimo kubabwira ukuri...

Noneho, kubyo kukumenya, urabizi ko ntakuzi. Niko biri, zamura ikiganza cyawe kugira ngo abantu babibone ko wowe… Ntabwo nigeze mbona uyu muntu mu buzima bwanjye. Ni umuntu gusa uhagaze hano. Wabaza n'abandi bose. Ariko urwaye hernia. Uko ni ukuri. Unafite uburagaza. Uko niko biri. Wagenze inzira yose kugira ngo ugere hano. Nta nubwo uri Umunyamerika. Uri Umunyakanada. Wazanye n'umuhungu wawe ufite ikibazo cyo kubura amahoro mu mutwe. Uko ni ukuri. Urashaka ko nkubwira aho uvuye? Uturutse mu ntara ya Saskatschewan, umugi wa Saskatoon. Wizere n'umutima wawe wose, kandi Imana iragusubiza mu rugo umeze neza hamwe n'umuhungu wawe, niba wizeye. Ese urizeye? Imana iguhe umugisha.

Ese urizeye? Uwiteka Imana iracyari Imana. Murabona? Nta wundi uhari uretse Yo.

73 Umeze gute? Hano hari umugore, ni umushyitsi kuri njye, ahari ashobora kuba ari muto. Ntabwo nigeze mubona; ariko we ni… ni umugore uhagaze hano gusa. Ngiye kugira vuba, kubera ko mfite iminota irindwi cyangwa umunani ubu. Murabona? Noneho, murebe hano. Ese urizeye ko ibi bintu ari ukuri? Hamwe n'umutima wawe wose? Urabizi ko ari ibidashoboka kuri njye kumenya ikitagenda kuri wowe cyangwa ikindi kintu cyerekeye kuri wowe. Ariko ntabwo ari ibidashoboka ku Mana kubimenya, kubera ko yabimenya na mbere y'uko habaho isi. Ese ibyo si ukuri?

Ni bangahe bizeye ko ibyo ari ukuri? Ni ukuri. Yari azi buri nshuro uzakubitanya ingohe z'amaso. Ni Imana itagira iherezo. Kandi noneho tekereza; kubw'ubuntu Bwe Agaragaye hamwe n'Ubutumwa Bwe ko aricyo kintu kimwe yasezeranye ko Azakora. Noneho hari ijuru, kandi turigiyemo. Kandi turi muri iyi Efeso aka kanya ubu. Turi muri iyi, turava muri imwe tujya muyindi.

Ufite ibintu byinshi bitagenda kuri we, ibikugoye, ibintu byinshi bitaribyo. Kandi ntabwo uturuka inaha. Uturutse mu burengerazuba bwa hano. Uturutse California. Uko niko biri. Unafite umwana ubujijwe amahoro. Uko ni ukuri. Wowe… Hari ikintu. Nkomeje kubona amazi, ikiyaga kinini. Oh, ni, ufite... ufite umuntu wacyambutse waje kuba muri Chicago, uwo akaba anzi. Uko ni ukuri. Uko ni ukuri. Noneho, urabizi ko ntakuzi, ariko wizeye ko Imana izi uwo uriwe? Mrs McGuire. Ufite icyifuzo. Subira mu rugo ugende ushima Imana.

74 Umeze gute? Muhungu muto cyane, ariko uburwayi n'ibyorezo nta muntu byubaha. Ni bangahe bazi ibyo? Turabizi ko nta muntu n'umwe byubaha. Niba ushobora kwizera hamwe n'umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose ko asthma iribukuveho niba ushobora kubyizera hamwe n'umutima wawe wose.

Uburwayi bwo mu gituza, ese urizeye ko buri bugende nabwo, mushiki wacu, kandi uraza kugubwa neza? Ese ni iki ukozeho? Ari nko muri metero eshashatu uvuye kuri njye cyangwa zirenga. Akoze ku Mutware. Ni ukugongana kw'imitsi yo mumutwe. Urakira.

Iki ni ikintu gikomeye uyu mugore ukiri muto ahagarariye hano. Nyakuri neza neza ni umushyitsi. Ntabwo nigeze mbona uyu mugore. Ariko yazanwe hano n'undi muntu. Kandi icyamuzanye hano, ni ukubera ko yumvise kasete nakoze. Kandi ari hano ashaka umubatizo w'Umwuka Wera. Icyo nicyo neza neza gitumye ari hano. Uko ni ukuri, mugore muto. Uko niko biri. Ngwino hano.

Mukundwa Mana, reka uyu mwana uhagaze hano, urimo usenya umwijima aza mu Mucyo, reka yakire Umwuka Wera, ajye iwe n'abo akunda, abereke ikintu gikomeye Yesu yakoze kuri we. Amena. Imana

iguhe umugisha. Ntushidikanye. Wizere.

75 Imana ishobora gukiza ubwoko bwose bw'uburwayi bwo kugubwa nabi (Ese murabyizeye?) n'urwaye asima, maze Akagukiza. Ese ibyo urabyizeye? Noneho genda, wizere n'umutima wawe wose. Kandi Imana iguhe umugisha, mwene Data.

Ufite imyaka ingahe? [Mushiki wacu aravuga ati, "Mirongwitatu n'umunani."—Ed.] Ugomba kuva muri yo mimerere yo kubura amahoro bidatinze, sibyo? Kubwo kugira ibyo bintu byose byo gucika intege n'ibindi bintu biba kuri wowe. Ariko byamaze kukuvaho ubu. Genda noneho. Wizere.

Imana ikiza kugubwa nabi, uburwayi bw'igifu nabwo. Ese ibyo urabyizeye? Noneho urye icyo ushaka cyose. Yesu Kristo yagukijije.

Ese urizeye aho inyuma, buri wese muri mwe?

Hari umuntu wicaye hano, arimo andeba, yego, arebye hasi ku ishati ye noneho. Yego. Wizeye ko Imana yashobora gukiza uburwayi bw'imvubura, akakugira neza? Wari wamaze kubyizera noneho (Ese siko biri?), ubwo uyu mwana muto yakiraga iriya mimerere ya asima. Jya mu rugo, mukundwa, ugiye kugubwa neza nawe. Murabona? Wizere n'umutima wawe wose.

Umugore muto wicaye hano hafi y'umugore wawe, ese washobora kwizera ko amaso yawe aragubwa neza nawe? Ese urizeye ko Imana iraza gukiza ubwo burwayi bw'amaso? Zamura ikiganza cyawe niba icyo aricyo warimo usengera. Murabona?

Ese ni iki ukozeho? Yesu Kristo Umwana w'Imana.

76 Ese urizeye? Urizeye, mugabo muto? Imana ishobora kugukiza iyo mimerere y'amaraso, ikayigira neza (Wabasha kwizera ibyo?) Igafata ibyo bintu bya diyabete ikabita kure maze ikakugira muzima. Ese ibyo urabyizeye? Genda umubwire ko ubyizeye, kandi ukomeze.

Ngwino, mugabo. Ufite ikibazo cy'igifu. Ese urizeye ko Imana ishobora kukigukiza, Ikakigira neza? Genda, wizere; uragubwa neza, urakira wese.

Ngwino, zana uwo musore muto. Reba hano, muhungu. Yaje inzira yose. Rimwe na rimwe arahinduka mu myifatire, agahindura ubushyuhe, Arabikora, Aragukiza imimerere ya asima. Ariko hari ugukira indwara kumwe nzi neza; ni Yesu Kristo Umwana w'Imana. Yatanze Umwana Wayo kugira ngo uwawe abashe gukira indwara. Ese ibyo urabizi? Ubyizere n'umutima wawe wose, kandi biramuvaho. Aragubwa neza, umuntu mwiza. Imana iguhe umugisha, mushiki wacu.

Urizeye? Ese Imana iracyakora Amayobera? Ibintu udashobora gusobanura, ibintu utatekereza ko abantu bashobora gusobanukirwa uko bikorwa, ariko nabwo ni ukuri, ese sibyo? Noneho, nibangahe babasha kubikurura, kandi bakaba babizi mu mwuka wabo, ko hari ikintu kiri hano kigomba kuba kirenze gusobanukirwa k'umuntu?

77 Noneho, ndatekereza ko nahamagaye abantu cumi n'abatanu ku murongo, buri wese muri bo, kandi bane cyangwa batanu, batandatu, bari hano hanze badafite amakarita yo gusengerwa, cyangwa ikindi baba baricyo cyose mu murongo aho… hariya mu materaniro. Ariko turacyafite umunota umwe mbere y'uko dusoza.

Ese yakoze uko neza neza Yavuze ko Azabikora? Noneho, ni bangahe bizera ko Ari uko Yari Ari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka, mukurure Kugaragara Kwe? Noneho, mwabonye Kugaragara Kwe. Noneho, amaso yabonye; amatwi yanyu yasobanukiwe; kandi Imana yabihamirije imbere y'amaso yanyu Kugaragara Kwayo. Kandi icyo nicyo mwiyumvamo igihe cyose, icyo kijya kibacira urubanza iyo mwakoze nabi, kandi kikababwira kudakora ibyo, kuko iyo Mana imwe yahindutse igaragara kuri mwe hano uyu mugoroba mu mirimo Yayo. Ni bangahe bavuga "amena" kuri byo? Ni ukuri, ni iki. Noneho, Ari hano.

78 Ese hari uri hano hagati muri twe, utari waba Umukristo, akaba atarigeze yatura, ukaba utarigeze ujya ku rusengero? Ese wahaguruka, maze ukavuga uti, "Ndashaka guhagarara, atari kuri wowe, mukozi w'Imana; ahubwo ndashaka guhagarara mu gihe ndi Imbere y'Umuntu Yesu Kristo, Ari We Mwuka Wera uri hejuru yacu ubu. Ndashaka guhagarara maze nkavuga nti, 'ndashaka ko unkiza ibyaha byanjye.'"? Icyo nicyo nshaka gukora gusa, noneho haguruka, kandi ubwo ni ubuhamya. Icyo nicyo dufite gukora muri uyu mwanya. Uravuga uti, "Ndashaka kuba Umukristo." Hagarara ku birenge byawe, maze wongere wicare.

Ese hari uhari muri iyi nyubako? Ni bangahe bari muri iyi nyubako? Ntabwo nkwiriye kuvuga nti, "Ese hari uhari?" 'Kubera ko hashobora kuba hari abarenze umwe. Ni bangahe bari muri inyubako bashaka guhagarara aka kanya maze bakavuga bati, "Nakoze nabi, Mana. Umbabarire. Ndahagurutse ngo ntange umugabo ko nakoze nabi. Ndibwicare mu gihe ndaba ndi Imbere Yawe. Ndicara."' Haguruka noneho.

Ese hari uhari, haba hari urenze umwe? Ikiganza kimwe. Imana iguhe umugisha musore muto. Ese haba hari undi? Imana iguhe umugisha. Ese haba hari undi? Imana iguhe umugisha. Imana iguhe

umugisha. Imana iguhe umugisha, mwene Data. Ese urahari? Imana iguhe umugisha, subira hariya. Ese haba hari undi, "Nakoze nabi. Imana, imbabarire"? Imana iguhe umugisha, mugabo. "Nakoze nabi. Umbabarire, Mwami." Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umugisha.

79 Ese haba hari umuntu uri aho waba ashidikanya kuri uyu murimo, kandi noneho ukaba uhamirijwe ko ari ukuri? Haguruka aho, maze uvuge uti, "Imana, imbabarire." Noneho haguruka aho, maze uvuge uti, "Njye… narimfite gushidikanya gato, Mwene Data Branham; none byose byagiye." Zamura ikiganza cyawe. Nta na kimwe? Urakoze.

Ni bangahe bizeye ko atari njye; ariko ko ari Kristo Umwana w'Imana. Urakoze. Noneho uraza kubona ikintu gikomeye kuruta ibi bibaye, igihe cyose wizeye. Ugumane na Kritso. Ndakora ibyo nshoboye kugira ngo ngumane neza na We ubwanjye.

Noneho, ni bangahe bari hano barwaye kandi bafite icyifuzo, muzamure ibiganza byanyu, "Ndarwaye, mwene Data; mfite icyifuzo"? Murabona, noneho reba aba bantu. Noneho, ese mwakora ibi maze mukizera amagambo yanjye nka gutya? Reka dushyiraneho ibiganza byacu umwe ku wundi, mugihe ndambuye ikiganza cyanjye kiberekeye.

Reka dusenge.

80 Mukundwa Mana, nkuzaniye iri teraniro rito uyu mugoroba, aho twumviye kandi tugasoma Ijambo ry'Imana. Tuziko buri gace ari Ukuri, kubera ko ni Ijambo Ryawe. Twe ntabwo turyizeye gusa ko ari ukuri; turabizi ko ari ukuri. Twarakubonye, Mwami, Ukora ikintu gituma abantu bamenya uko Ari Wowe... Hirya yo kuba ari Amayobera... kubw'isi, n'ikirere, n'amategeko asanzwe y'Imana, dushobora kubona hano ko iryo tegeko ry'urupfu ririmo gukora mu mibiri y'abantu, aho iyi siyansi inanirwa... kubakiza binyuze mu bushakashatsi. Kandi, Mwami, turanezerewe kubw'abo bantu. Twe nta buryo na bumwe twabasuzugura. Turishimye kubw'abo. Ariko, Mwami, iyo bigeze ahantu badashobora kugira ikintu na kimwe bakora, noneho aho niho tubona ikiganza Cyawe gikomeye cyinjiramo; kubwo kumenya ko nta muntu numwe wabakiza indwara, yaba dogiteri, cyangwa kuba bafashe imiti runaka. Ariko tukabona Umwana w'Imana amanuka, kandi ibyo nibyo bizana isezerano, iryo twebwe twese twizera muri ryo...

81 Buri muntu wese yazamuye ikiganza cye, uwo udakijijwe, kandi… kandi ushaka gukizwa. Mana, hari ikintu cyaburiye imitima yabo. Bamwe muri bo bavuze ko bakoze nabi, wenda basubiye inyuma kandi barashaka kugaruka. Ndasenze kugira ngo ugarure buri umwe wese. Kubera ko babizi, Mwami, kandi barabizi... Benshi muri bo bashobora kuba banzi, cyangwa turi kumwe, muri iyi myaka yose, kandi barabizi ko nta kintu cyiza kiri mu muntu, kandi cyane cyane njye. Ni gute hadashobora kuba ikintu cyiza? Ariko nyamara nabwo babonye Ijambo Imana yasezeranije, rigaragazwa. Barahamirijwe ko ari Ukuri. Barabyemeye.

Hari benshi hano ntashobora kuzana hano ku gicaniro. Kandi, Data, Utangira ubuhamya, ntabwo nigeze na rimwe mvuga ko nzaba ikintu aho nashobora kugira icyo nkora, uretse gusa kuba nkwiyegurira, maze nkemera Ukankura munzira maze ugashyiramo Umwuka Wawe aho kugira ngo abe ari wo ukora. Noneho, Data, kubwo kubona ko umuntu umwe ashobora gukora ibyo, undi akaba yabikora, ndasenze kugira ngo buri wese urambitse ikiganza ku wundi, uwo urwaye kandi ababaye, akire aka kanya.

Reka Umwuka Wera ukomeye unyure hano muri iyi nyubako aka kanya maze Atume buri wese agubwa neza. Ukize buri wese, Mwami. Duhe iyo myitozo. Usuke Umwuka Wera, Mwami. Kuri iri teraniro. Oh, turagutegereje kugira ngo ukore ibintu bikomeye muri iki cyumweru. Noneho reka bibe gutyo, Mwami, aka kanya, mu Izina rya Yesu Kritso.

82 Noneho, reka twese duhagarare ku birenge byacu. Ese murizeye n'umutima wanyu wose? Noneho, ndibaza niba mushiki wacu wo kuri piano yaba ahari, ese waduha injyana nto y'iyi, "Ndamuhimbaza. Ndamuhimbaza." Ese ibyo mwabyumvise? Noneho, reka tuyiririmbire hamwe twese. Noneho, nizeye guhura namwe ejo nimugoroba. Noneho, Bari bubasezerere mu buryo bwemewe, mu kanya gato, ariko ndashaka kuririmba iyi ndirimbo hamwe namwe. Nta kibazo, reka tugende.

Nzamuhimbaza, (reka tuzamure ibiganza byacu.)

Nzamuhimbaza,

Muhimbaze Umwana w'Intama wapfiriye abanyabyaha;

Mumuhe icyubahiro, mwa bantu mwese mwe,

Kubera ko Amaraso Ye yadukuyeho ikizinga cyose.

Reka twubike imitwe yacu ubu kubw'isengesho ryo gusezeranaho. Nta kibazo, Mwene Data Jewel Rose agiye kudusezerera. Imana iguhe umugisha, Mwene Data Rose.

MESSAGE hub online
www.messagehub.info

Ibibwiriza bya

William Marrion Branham

"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7